Ingingo ya 39: Icyemezo kireba amafaranga yafatiriwe	**Article 39: Decision on the seized funds**	**Article 39: Décision sur les fonds saisis**
Ingingo ya 40: Ifatira n'inyaga ry'undi mutungo	**Article 40: Seizure and dispossession of other property**	**Article 40: Saisie et dépossession d'autres biens**

Ingingo ya 41: Ubujurire	**Article 41: Appeal**	**Article 41: Recours**
UMUTWE WA III: UBUBASHA BWO KURWANYA ITERABWOBA	**CHAPTER III: COMPETENCE TO COUNTER TERRORISM**	**CHAPITRE III: DE LA COMPETENCE DANS LA LUTTE CONTRE LE TERRORISME**
Icyiciro cya mbere: Igota ry'ahakekwaho ibikorwa by'iterabwoba	**Section One: Cordoning an area suspected of terrorism activities**	**Section première : Encerclement d'un lieu présumé abriter les opérations de terrorisme**
Ingingo ya 42: Igota n'abashinzwe kurikora	**Article 42: Cordoning and responsible persons**	**Article 42: Encerclement et autorité compétente**
Ingingo ya 43: Ukurindwa kw'ahagoswe	**Article 43: Protection of a cordoned area**	**Article 43: Protection du lieu encerclé**
Icyiciro cya 2: Gufata no gusaka nta rupapuro rwabugenewe	**Section 2 : Arrest and search without warrant**	**Section 2 : Arrestation et perquisition sans mandat**
Ingingo ya 44 : Gufata ukekwaho iterabwoba nta rupapuro rwabugenewe	**Article 44: Arresting a terrorist suspect without an arrest warrant**	**Article 44: Arrestation de la personne soupçonnée d'acte de terrorisme sans mandat d'arrêt**
Ingingo ya 45: Gufata no gusaka nta nteguza	**Article 45: Impromptu arrest and search**	**Article 45: Arrestation et perquisition improvisée**
Icyiciro cya 3: Icyemezo cyo gufata no gusaka	**Section 3: Arrest warrants and search**	**Section 3: Mandats d'arrêts et perquisition**
Ingingo ya 46: Icyemezo cyo gufata no gusaka n'ugitanga	**Article 46: Arrest warrant and person to issue it**	**Article 46: Mandat d'arrêt et autorité compétente**
Ingingo ya 47: Igihe icyemezo cyo gufata kimara	**Article 47: Validity of the arrest warrant**	**Article 47: Délai de validité du mandat d'arrêt.**
Icyiciro cya 4: Ububasha bwo gufata no gusaka	**Section 4: Competence to arrest and search**	**Section 4 : Compétence en matière d'arrestation et de fouille**
Ingingo ya 48: Isakwa ry'ibinyabiziga n'abantu babirimo	**Article 48: Search of vehicles and passengers on board**	**Article 48: Fouille de véhicules et fouille de passagers à bord**
Ingingo ya 49 : Isakwa ry'abanyamaguru	**Article 49: Search of pedestrians**	**Article 49 : Fouille de piétons**

Ingingo ya 50 : Igihe cy'imenyekanisha ry'ububasha bwo gufata no gusaka	**Article 50**: Period for notification of competence to arrest and search	**Article 50**: Délai de communication de la compétence d'arrestation et de fouille
Ingingo ya 51: Kwinjira mu nyubako hakoreshejwe imbaraga	**Article 51**: Forceful entrance into buildings	**Article 51**: Entrée par force dans une installation
Ingingo ya 52: Kwifashisha impuguke	**Article 52**: Use of experts	**Article 52**: Réquisition d'experts
Ingingo ya 53: Ibika ry'ibimenyetso bifatiwe mu isakwa	**Article 53**: Storage of the evidence from a search	**Article 53**: Conservation des indices résultant de la perquisition
Icyiciro cya 5: Gufata no gufunga	**Section 5:** Arrest and imprisonment	**Section 5**: Arrestation et détention
Ingingo ya 54 : Ugufatwa k'ukekwa	**Article 54**: Arrest of the suspect	**Article 54**: Arrestation du suspect
UMUTWE WA IV: UBUFATANYE MPUZAMAHANGA	**CHAPTER IV**: INTERNATIONAL COOPERATION	**CHAPITRE IV**: COOPERATION INTERNATIONALE
Ingingo ya 55: Ubufatanye n'izindi Leta	**Article 55:** Cooperation with other States	**Article 55**: Coopération avec d'autres Etats
Ingingo ya 56: Ibisabirwa ubufatanye	**Article 56**: Purpose for request of cooperation	**Article 56**: Motifs de demande de coopération
Ingingo ya 57: Kutemera ubufatanye	**Article 57**: Refusal of cooperation	**Article 57** : Refus de coopération
Ingingo ya 58: Gusaba gukora iperereza	**Article 58**: Request for conducting investigations	**Article 58**: Demande de réalisation d'une enquête
Ingingo ya 59: Gusaba ibyemezo bishingana by'agateganyo.	**Article 59**: Request for provisional protective measures	**Article 59**: Demande de mesures conservatoires
Ingingo ya 60: Gusaba ubunyage	**Article 60**: Request for dispossession	**Article 60**: Demande de confiscation
Ingingo ya 61: Iherezo ry'umutungo wanyazwe.	**Article 61**: Destiny of dispossessed property	**Article 61** : Sort des biens confisqués
Ingingo ya 62: Isaba ryo kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha	**Article 62**: Request for extradition	**Article 62**: Demande d'extradition

Ingingo ya 63: Icyaha cyemeranywaho n'ibihugu byombi	**Article 63: Dual incrimination**	**Article 63: Double incrimination**
Ingingo ya 64: Impamvu zitegetswe zo kwanga kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha	**Article 64: Compulsory grounds for refusing extradition**	**Article 64: Motifs obligatoires de rejet d'extradition**
Ingingo ya 65: Impamvu zidategetswe zo kwanga iherereka nya	**Article 65: Optional grounds for refusing extradition**	**Article 65 : Motifs facultatifs de refus d'extradition**
Ingingo ya 66: Gukurikirana umuntu wangiwe iherereka nya	**Article 66: Aut dedere aut judicare**	**Article 66: Aut dedere aut judicare**
Ingingo ya 67: Isubiza ry'umutungo	**Article 67: Restitution of property**	**Article 67 : Restitution du patrimoine**
UMUTWE WA V: INGINGO RUSANGE ZEREKERANYE NO GUSABA UBUFATANYE N'IHEREREKANYA RY'ABANYABYAHA	**CHAPTER V: GENERAL PROVISIONS RELATING TO REQUEST FOR COOPERATION AND EXTRADITION**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS GENERALES RELATIVES A LA DEMANDE DE COOPERATION ET A LA PROCEDURE D'EXTRADITION**
Ingingo ya 68: Kohereza isaba	**Article 68: Transmission of request**	**Article 68: Transmission de la demande**
Ingingo ya 69: Ibikubiye mu nyandiko zisaba	**Article 69: Contents of extradition request forms**	**Article 69: Contenu des demandes d'extradition**
Ingingo ya 70: Isesengura ry'isaba	**Article 70: Analysis of the extradition request**	**Article 70 : Traitement des demandes.**
Ingingo ya 71: Amakuru y'inyongera	**Article 71: Additional information**	**Article 71 : Compléments d'informations**
Ingingo ya 72: Gusaba ko haba ibanga	**Article 72: Request for confidentiality**	**Article 72: Demande de confidentialité**
Ingingo ya 73: Kudakoresha ibimenyetso mu zindi gahunda	**Article 73: Prohibition of using pieces of evidences for other purposes**	**Article 73: Interdiction d'utilisation des éléments de preuve à d'autres fins**
Ingingo ya 74: Kwishyura imirimo yakozwe	**Article 74: Payment for activities performed**	**Article 74: Remboursement des frais des services rendus**

UMUTWE WA VI : IBIHANO	**CHAPTER VI: PENALTIES**	**CHAPITRE VI : DES PEINES**
Ingingo ya 75: Uruhare mu bikorwa by'ishyirahamwe rikora iterabwoba	**Article 75: Participating in the acts of a terrorism association**	**Article 75: Participation dans des actes d'une association terroriste**
Ingingo ya 76: Ubufatanyacyaha mu gikorwa cy'iterabwoba	**Article 76: Complicity in a terrorist act**	**Article 76: Complicité dans un acte de terrorisme**
Ingingo ya 77: Iterabwoba riyobowe n'agatsiko k'iterabwoba	**Article 77: Terrorism under the command of a terrorist group**	**Article 77: Terrorisme sur les ordres d'un groupe terroriste**
Ingingo ya 78: Gutanga amabwiriza mu gikorwa cy'icyaha cy'iterabwoba	**Article 78: Giving directives in an act of terrorism**	**Article 78: Donner des instructions dans un acte terroriste**
Ingingo ya 79: Guhisha uwakoze iterabwoba	**Article 79: Harbouring a terrorist**	**Article 79 : Recel du terroriste**
Ingingo ya 80: Kuba mu ishyirahamwe ry'iterabwoba	**Article 80: Membership in a terrorist organization**	**Article 80 : Etre membre d'une organisation terroriste.**
Ingingo ya 81: Kuyobya indege	**Article 81: Hijacking of an aircraft**	**Article 81: Détournement d'un aéronef**
Ingingo ya 82: Guhungabanya umutekano ku kibuga cy'indege	**Article 82: Destabilizing security at the airport**	**Article 82 : Atteinte à la sécurité à l'aéroport**
Ingingo ya 83 : Gukoresha ibintu biturika mu ikoraniro binyuranyije n'amategeko	**Article 83: Illegal use of explosives in gatherings**	**Article 83 : Utilisation illégale des explosifs dans un lieu public**
Ingingo ya 84: Gufata bugwate	**Article 84: Taking hostage**	**Article 84: Prise d'otage**
Ingingo ya 85: Gukoresha iterabwoba ku badipolomate	**Article 85: Terrorism against internationally protected person**	**Article 85: Terrorisme contre une personne jouissant d'une protection internationale**
Ingingo ya 86: Kugaba ibitero ku bantu barinzwe ku rwego mpuzamahanga	**Article 86 : Attacking diplomats**	**Article 86: Attaques contre les diplomates**

Ingingo ya 87: Gusenya inyubako	**Article 87: Demolishing buildings**	**Article 87: Destruction des édifices**
Ingingo ya 88: Gukangisha iterabwoba	**Article 88: Threatening to commit terrorism**	**Article 88: Menace de terrorisme**
Ingingo y 89: Kwinjira mu nyubako za Leta, n'iz'abantu barinzwe ku rwego mpuzamahanga hagamijwe iterabwoba	**Article 89: Entering State and Diplomats premises for the purpose of committing terrorism**	**Article 89: Entrée dans des maisons ou édifices de l'Etat et des diplomates en vue du terrorisme**
Ingingo ya 90: Gutunga intwaro zihumanya zikoreshwa	**Article 90: Possession of weapons and writings indicating how chemical weapons are used**	**Article 90: Possession d'armes et d'écrits décrivant l'utilisation des armes chimiques**
Ingingo ya 91 : Gukoresha ibihumanya	**Article 91: Use of chemicals**	**Article 91: Utilisation des produits chimiques**
Ingingo ya 92: Gutanga amakuru atariyo ku iterabwoba	**Article 92: Providing false information regarding terrorism act**	**Article 92 : Fausse information sur l'acte du terrorisme**
Ingingo ya 93: Ubugambanyi n'ibikangisho	**Article 93 : Conspiracy and threats**	**Article 93 : Complot et menaces**
Ingingo ya 94: Ubugambanyi hanze y'igihugu	**Article 94: Conspiracy outside the country**	**Article 94: Complot à l'extérieur du pays.**
Ingingo ya 95: Igihano cy'icyaha cy'ubugambanyi no gushishikariza gukora iterabwoba	**Article 95: Conspiring and mobilizing.**	**Article 95: Peine pour complot et sensibilisation au terrorisme.**
Ingingo ya 96: Kuyobya amato	**Ingingo ya 96: Hijacking ships**	**Article 96: Détournement des bateaux.**
Ingingo ya 97 : Kwangiza ubwato	**Article 97: Damaging ships**	**Article 97: Destruction des bateaux.**
Ingingo ya 98: Gushishikariza, gufasha no kwakira ibikomoka ku iterabwoba	**Article 98: Propagating, financing and receiving property resulting from terrorism**	**Article 98: Sensibilisation, appui et réception des biens provenant du terrorisme**
Ingingo ya 99: Amasezerano yo gufasha mu iterabwoba	**Article 99: Agreements facilitating terrorism**	**Article 99: Contrat de soutien au terrorisme**
Ingingo ya 100: Iyezandonke mu bikorwa	**Article 100: Money laundering activities in**	**Article 100: Blanchiment d'argent provenant des**

by'iterabwoba	**terrorism**	**activités du terrorisme**
Ingingo ya 101: Iterabwoba ku nyungu za politiki	**Article 101: Terrorism for political purposes**	**Article 101: Terrorisme pour des raisons politiques**
Ingingo ya 102: Iterabwoba ku nyungu z'idini cyangwa iz'indi ngengabitekerezo	**Article 102: Terrorism based on religious interests or other ideologies**	**Article 102: Terrorisme pour des raisons religieuses ou idéologiques**
Ingingo ya 103: Kubangamira itangwa ry'amakuru ku iterabwoba	**Article 103: Jeoperdizing the procedure of providing information about terrorism**	**Article 103: Entrave à la production des informations relatives au terrorisme**
UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 104: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 104: Abrogating provisions**	**Article 104: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 105: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 105: Commencement**	**Article 105: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°45/2008 RYO KUWA 09/09/2008 RYEREKEYE KURWANYA ITERABWOBA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Gicurasi 2008;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 25 Werurwe 2008;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk' uko ryavuguruwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 10, iya 12, iya 15, iya 25, iya 47, iya 60, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 169**,** iya 170, iya 173, 190 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeranye

LAW N°45/2008 OF 09/09/2008 ON COUNTER TERRORISM

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 20 May 2008;

The Senate in its session of 25 March 2008;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 10, 12, 15, 25, 47, 60, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 169, 170, 173, 190 and 201;

Pursuant to the International Convention for the

LOI N°45/2008 DU 09/09/2008 RELATIVE A LA LUTTE CONTRE LE TERRORISME

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 mai 2008;

Le Sénat, en sa séance du 25 mars 2008;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour spécialement en ses articles 10, 12, 15, 25, 47, 60, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 169, 170, 173, 190 et 201;

Vu la Convention Internationale pour la répression des

no guhana abakora iterabwoba rikoresha ibisasu biturikana ingufu yemejwe n'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 15/12/1997, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 40/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Suppression of Terrorists using high explosives adopted by the United Nations General Assembly Resolution on 15/12/1997 as ratified by Presidential Order n° 40/01 of 14/04/2002;

attentats terroristes à l'explosif adoptée par l'Assemblée Générale de l'Organisation des Nations Unies le 15/12/1997, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 40/01 du 14/04/2002;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeranye no kurwanya ifatwa ry'ingwate yemejwe n'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 17/12/1979, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 41/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Pursuant to the International Convention against the Taking of Hostages adopted by the United Nations General Assembly on 17/12/1979 as ratified by Presidential Order n° 41/01 of 14/04/ 2002;

Vu la Convention Internationale contre la prise d'otages adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies le 17 décembre 1979, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 41/01 du 14/04/2002 ;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeranye no guhana abatera inkunga abakora iterabwoba, yemejwe n'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 09/12/1999, nk'uko yemejwe n' Iteka rya Perezida n° 43/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Pursuant to the International Convention for the Suppression of the Financing of terrorism adopted by the United Nations General Assembly on 09/12/1999 as ratified by the Presidential Order n° 43/01 of 14/04/2002;

Vu la Convention Internationale pour la répression du financement du terrorisme adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies le 9 décembre 1999, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 43/01 du 14/04/2002 ;

Ishingiye ku Masezerano yerekeranye no kurinda ibintu bishobora gukorwamo intwaro za kirimbuzi, yashyiriweho umukono i Vienne, ku wa 26/10/1979, nk'uko yemejwe n' Iteka rya Perezida n° 45/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Pursuant to the Convention on the Physical Protection of Nuclear Materials signed at Vienna on 26/12/ 1979 as ratified by the Presidential Order n° 45/01 of 14/04/2002;

Vu la Convention sur la protection physique des matières nucléaires signée à Vienne, le 26/10/1979, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 45/01 du 14/04/2002 ;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yerekeye kwirinda no kurwanya Iterabwoba yashyiriweho umukono i Alger, ku wa 13/07/1999, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 39/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Pursuant to the African Union Convention on the Prevention and Combating of terrorism signed at Algiers on 13/07/1999 as ratified by the Presidential Order n° 39/01 of 14/04/2002;

Vu la Convention de l'Union Africaine sur la prévention et la lutte contre le terrorisme signée à Alger le 13/07/1999, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 39/01 du 14/04/2002 ;

Ishingiye ku Itegeko-teka n° 21/77 ryo ku wa 18/8/1977 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana;

Pursuant to Decree Law n° 21/77 of 18/8/1977 establishing the Penal Code;

Vu le Décret-loi n° 21/77 du 18/8/1977 instituant le Code Pénal;

Ishingiye ku Itegeko n° 09/2000 ryo ku wa 16/06/2000 rishyiraho Polisi y'Igihugu kandi rigena

Pursuant to Law n° 09/2000 of 16/06/2000 on the establishment, general organization and jurisdiction

Vu la Loi n° 09/2000 du 16/06/2000, portant création, organisation générale et compétence de la Police

imitunganyirize rusange n'ububasha byayo cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4 n'iya 14;

of the National Police;

Nationale, spécialement en ses articles 4 et 14;

Ishingiye ku Itegeko n° 13/2004 ryo ku wa 17/05/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Pursuant to Law n° 13/2004 of 17/05/2004 relating to the Code of criminal procedure as modified and complemented to date;

Vu la Loi n° 13/2004 du 17/05/2004 portant code de procédure pénale telle que modifiée et complétée à ce jour;

YEMEJE :

ADOPTS:

ADOPTE :

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Icyiciro cya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko

Section One : Scope of this Law

Section première : Champ d'application de la présente loi

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena ibyerekeye kurwanya iterabwoba

This Law relates to counter terrorism

La présente loi concerne la lutte contre le terrorisme.

Icyiciro cya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Section 2: Definitions of terms

Section 2 : Définitions des termes

Ingingo ya 2 : Iterabwoba

Article 2: Terrorism

Article 2 : Terrorisme

Muri iri tegeko, ijambo **iterabwoba** bivuga:

For the purpose of this Law, the term **terrorism** shall have the following meaning:

Dans la présente loi, le terme **terrorisme** signifie :

1° gukora cyangwa gukangisha gukora ibikorwa bigamije gutuma inzego z'ubutegetsi za Leta zihindura imikorere yazo hakoreshejwe gufata bugwate umuntu umwe cyangwa benshi, kwica, gukomeretsa cyangwa gutera ubwoba abaturage hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose bushobora kwica umuntu no kumukomeretsa;

1° to commit or threaten to commit acts aimed at leading State organs into changing their functioning through taking hostages of one or more persons, killing, injuring or threatening the population by use of any means that may kill or injure a person;

1° commettre ou menacer de commettre des actes dans l'objectif de pousser les organes de l'Etat à changer leur fonctionnement par la prise en otage d'une ou de plusieurs personnes, tuer, blesser ou terroriser la population par l'emploi d'un objet quelconque qui peut tuer ou blesser une personne ;

2° gukora cyangwa gukangisha gukora igikorwa giteganijwe mu gice cya 1° k'iyi ngingo kubera impamvu za politiki, z'idini cyangwa z'ingengabitekerezo iyo ari yo yose.

Ingingo ya 3 : Igikorwa gifatwa nk'iterabwoba

Igikorwa gifatwa nk'iterabwoba bivuga igikorwa gikozwe cyangwa gukangisha kugikora mu nyungu z'umuntu, agatsiko cyangwa ishyirahamwe ry'iterabwoba.

Ingingo ya 4 : Igikorwa, umuntu, umutungo, abaturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta

Muri iri tegeko aya amagambo asobanura:

1° "**igikorwa**": igikorwa gikorewe mu Rwanda cyangwa hanze y'u Rwanda gikozwe n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;

2° **"umuntu cyangwa umutungo ukoreshwa mu iterabwoba**": umuntu uwo ari we wese cyangwa umutungo uwo ari wo wose aho biri hose;

3° **"abaturage":** abaturage n'imitungo yabo mu bihugu bindi bitari u Rwanda gusa ;

4° "**inzego z'ubutegetsi z**a **Leta":** inzego z'ubutegetsi z'u Rwanda cyangwa z'ikindi gihugu.

2° to commit or threaten to commit an act referred to under paragraph 1° of this article on political, religious or any ideological grounds.

Article 3: An act considered as terrorism

An act considered as terrorism shall mean an act committed or a threat to commit an act in the interest of an individual, a group or a terrorist organization.

Article 4: Act, person, property, population and State organs.

For the purpose of this Law, the terms below shall have the following meanings:

1° "**act**": act committed within or outside Rwanda by a Rwandan or a foreigner;

2° **"person or property used in terrorism"** : any person or any property wherever they are situated;

3° **"population":** population of other countries other than that of Rwanda and their property;

4° **"State organs":** administrative organs of Rwanda or of any other country.

2° commettre ou menacer de commettre un acte visé au paragraphe 1° de cet article pour des raisons politique, religieuse ou toute cause idéologique.

Article 3: Acte qualifié de terroriste

L'acte qualifié de terroriste signifie un acte commis ou que l'on menace de commettre dans l'intérêt d'un individu, d'un groupe ou d'une organisation terroriste.

Article 4 : Acte, personne, biens, population et organes administratifs de l'Etat

Aux fins de la présente loi ces termes signifient :

1° **«un acte»** : acte commis sur le territoire rwandais ou à l'extérieur du Rwanda par un Rwandais ou un étranger;

2° **«personne ou biens qui servent à commettre un acte de terrorisme» :** toute personne ou tout bien quel que soit le lieu de situation;

3° **«population»** : population d'un pays autre que le Rwanda, y compris leur patrimoine ;

4° «**organes de l'Etat»** : organes administratifs du Rwanda ou d'un autre pays.

Ingingo ya 5 : Kurwanya iterabwoba

"Kurwanya iterabwoba": ibikorwa byose bifitanye isano no gukumira, kwirinda cyangwa guhagarika ibikorwa by'iterabwoba, kimwe n'ibikorwa bifitanye isano no gutuma hatangirika
ibintu byinshi biturutse kuri ibyo bikorwa by'iterabwoba.

Article 5: Counter terrorism

"Counter terrorism": any act related to the curbing, prevention or stopping terrorist acts, as well as acts related to reducing the scale of destruction of property emanating from such acts of terrorism.

Article 5 : Lutte contre le terrorisme

«Lutte contre le terrorisme» : tous les actes destinés à prévenir, éviter ou arrêter les actes de terrorisme, ainsi que les actions visant à limiter les dégâts causés par ces actes de terrorisme.

Ingingo ya 6: Umuntu ugomba kurindwa mu rwego mpuzamahanga

"Umuntu ugomba kurindwa mu rwego mpuzamahanga": umuntu wese ufite ubudahangarwa n'ibindi biteganywa n'amategeko y'Igihugu, amasezerano y'akarere n'amasezerano mpuzamahanga.

Article 6: Person to be protected at the international level.

"Person to be protected at the international level": any person enjoying immunity and other privileges provided for by the law of the concerned state, regional and international conventions.

Article 6 : Personne devant jouir d'une protection internationale

«Personne devant jouir d'une protection internationale»: toute personne jouissant d'une immunité et de toute autre protection prévue par la législation du pays, les conventions régionales et internationales.

Ingingo ya 7 : Ukora iterabwoba

"Ukora iterabwoba": umuntu, agatsiko k'abantu cyangwa ishyirahamwe:

1° bakora cyangwa bakangisha gukora ibivugwa mu ngingo ya 2 y'iri tegeko;

2° bafite cyangwa bagize uruhare mu gukora, gutegura cyangwa gutuma habaho ibikorwa by'iterabwoba haba mbere cyangwa nyuma y'igikorwa, babizi kandi babigambiriye cyangwa batambamiye ishakishwa ry'ibimenyetso.

Article 7: Terrorist

"Terrorist": person, a group of persons or an organization that:

1° commits or attempts to commit acts mentioned in article 2 of this Law;

2° participates or has participated in the commission, planning or aiding the commission of an act of terrorism whether before or after the act, knowingly and deliberately or interfered with investigations.

Article 7: Terroriste

«Terroriste» : individu, groupe d'individus ou organisation qui :

1° commet ou menace de commettre les actes visés à l'article 2 de la présente loi ;

2° participe ou a été impliqué dans l'exécution, la préparation ou qui a aidé d'une manière quelconque à la commission des actes de terrorisme soit avant ou après l'acte, sciemment et intentionnellement, ou qui a constitué un obstacle aux enquêtes.

Ingingo ya 8: Amafaranga akoreshwa

Muri iri tegeko **"amafaranga"** ni ibiceri, inote, sheki, urupapuro rw'iposita rwohererejweho amafaranga, sheki zikoreshwa mu ngendo, impapuro zo kubikurizaho n'ibindi bikoresho bikoreshwa nk'amafaranga mu gihugu icyo ari cyo cyose.

Article 8: Currency used

In this Law**, "currency":** are coins, notes, cheques postal money order, traveler's cheques, withdrawal cheques and other financial instruments in any country.

Article 8: Capitaux utilisés

Dans la présente la présente loi, «**capitaux**» signifient les pièces, les billets, le mandat d'arrivée, les chèques de voyage, les chèques de retrait ou tout autre titre ayant fonction de monnaie dans n'importe quel pays.

Ingingo ya 9: Ishyirahamwe cyangwa agatsiko k'iterabwoba

"Kuba mu ishyirahamwe": bivugwa ku muntu uri mu ishyirahamwe cyangwa mu gatsiko bikora iterabwoba cyangwa ku muntu watangiye gukora ibisabwa ngo yinjiremo azi ko ari cyo bigamije.

Article 9: Organization or a group of terrorists

"Membership of an organization": fact for a person who is in an organization or a group of terrorists or starting to fulfill the requirements for adhering to that organization or group knowing its intentions.

Article 9: Association ou groupe terroriste

«Etre membre d'une organisation»: le fait pour une personne de faire partie d'une organisation ou d'un groupe terroriste ou d'entreprendre les démarches pour y adhérer en connaissance de cause.

Ingingo ya 10: Ishyirahamwe ryabujijwe gukora

"Ishyirahamwe ryabujijwe gukora": ni ishyirahamwe ryatangajwe na Minisitiri bireba cyangwa undi wese ubifitiye ububasha ko ribujijwe gukora.

Iteka rya Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze rigena uburyo ishyirahamwe rihagarikwa n'uburyo icyemezo cy'iryo hagarikwa kijuririrwa.

Article 10: Prohibited organization.

"Prohibited organization": organization publicly prohibited from operating by the concerned Minister or any other competent authority.

An Order of the Minister in charge of security shall determine the procedures of suspension of an organization and modalities for the appeal of such a decision.

Article 10: Organisation interdite

«Organisation interdite»: une organisation déclarée par le Ministre concerné ou toute autre autorité compétente comme étant interdite d'exercer ses activités.

Un arrêté du Ministre ayant la sécurité dans ses attributions détermine les modalités de suspension d'une association, ainsi que les modalités de recours contre cette décision.

Ingingo ya 11: Ukuyobora inama y'ishyirahamwe ry'iterabwoba

Umuntu aba akoze icyaha cy'iterabwoba iyo ateguye, ayoboye cyangwa se afashije gutegura cyangwa kuyobora inama azi ko :

Article 11: Chairing meetings of terrorist organization

Any person commits an offence when he/she plans, organizes or facilitates in organising or leading a meeting with the knowledge that:

Article 11: Direction d'une réunion d'une organisation terroriste

Commet une infraction celui qui prépare, dirige ou participe à la préparation ou la direction d'une réunion sachant que :

1° ari iyo gutera inkunga ishyirahamwe ryabujijwe gukora;

2° ari iyo kugena ibikorwa by' ishyirahamwe ryabujijwe gukora;

3° igomba gufatirwamo ijambo n'umuntu uri cyangwa uvugwa ko ari mu ishyirahamwe ryabujijwe gukora.

1° the meeting aims at financing a prohibited organization;

2° the meeting aims at determining the activities of a prohibited organization to operate;

3° in the meeting, a person who is member or recognized to be a member of the prohibited organization shall take a speech.

1° elle vise à financer une organisation interdite ;

2° elle vise à préparer les activités d'une organisation interdite;

3° une personne membre d'une organisation interdite ou prise pour tel y prendra la parole.

Ingingo ya 12: Gushishikariza abantu gukora iterabwoba

Aba akoze icyaha cy`iterabwoba umuntu ufashe ijambo mu nama y'ishyirahamwe ryabujijwe gukora cyangwa ritegura ibikorwa by'iterabwoba, aba kandi akoze iterabwoba iyo akoresheje uburyo ubwo aribwo bwose bushishikariza ishyirahamwe ryabujijwe gukora iterabwoba cyangwa kugena ibikorwa byaryo.

Article 12: Inciting people to commit terrorism

Commits an offense of terrorism any person who shall take a speech in the meeting of a prohibited organization or one organizing acts of terrorism or use any means to incite a prohibited organization to commit terrorism or determine its operations.

Article 12: Inciter la population à commettre le terrorisme.

Commet l'infraction de terrorisme quiconque prend la parole dans une réunion d'une organisation interdite ou se préparant à des actes terroristes, ou, qui, par tous les moyens incite une organisation interdite à commettre les actes terroristes ou à les planifier.

Ingingo ya 13: Inama yerekeye iterabwoba

"Inama": iteraniro ry'abantu babiri cyangwa benshi bahuriye hamwe bategura ibikorwa by'iterabwoba, bashobora kuba mu cyicaro kimwe cyangwa bahujwe n'ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Article 13: Meeting on terrorism

"Meeting": group of two or more persons gathered together for planning terrorism acts being in the same place or linked by technological system.

Article 13: Réunion sur le terrorisme

«Réunion» : assemblée de deux ou plusieurs personnes ayant pour objectif de planifier les actes de terrorisme et pouvant se trouver dans un même endroit ou être liées par des voies technologiques.

Ingingo ya 14 : Ukwamamaza ishyirahamwe ry'iterabwoba

Aba akoze icyaha cy'iterabwoba umuntu wese wamamaje umuryango cyangwa abategura ibikorwa cyangwa ishyirahamwe ry'iterabwoba. Aba kandi

Article 14: Advertising a terrorist organization

Commits the offence of terrorism, any person advertising an organization or organizers of acts or terrorist organization. He/she also commits the offence of terrorism when he/she wears, holds or

Article 14: Publicité en faveur d'une organisation terroriste.

Commet une infraction de terrorisme quiconque fait la publicité d'une organisation ou de ceux qui préparent des actes de terrorisme ou une organisation terroriste.

akoze icyaha cy'iterabwoba iyo yambaye umwambaro, atwaye cyangwa ashyize ahagaragara umwenda, inyandiko, amashusho, amajwi cyangwa ikindi cyose cyamamaza iterabwoba, mu buryo cyangwa mu gihe bituma haba ugukeka gufite ishingiro ko ari umwe mu bagize umuryango wabujijwe gukora cyangwa awutera inkunga.

Ibivugwa mu gika kibanziririza iki biba icyaha iyo uwabikoze yari azi ko biranga agatsiko cyangwa umuryango wemejwe ko ari uw'iterabwoba.

Ingingo ya 15: Gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba

Umutungo w'umuntu utera inkunga ibikorwa by' iterabwoba bivuga :

1° amafaranga cyangwa undi mutungo ukoreshwa mu iterabwoba, harimo n'umutungo w'ishyirahamwe rikora cyangwa ryabujijwe gukora;

2° ibyavuye mu gikorwa cy'iterabwoba ;

3° ibyavuye mu gikorwa cyakozwe hagamijwe gukora iterabwoba hakurikijwe ibiteganywa n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu yerekeranye no kurwanya igikorwa cy'iterabwoba.

Ingingo ya 16: Igikozwe mu bikoresho bihumanya

Mu bikorwa by'iterabwoba ikintu gikozwe mu bikoresho bihumanya bivuga ikintu gishobora gutera

shows the clothes, documents, visual medium, audio medium or any other medium that propagates terrorism, in a manner or way, which leads to serious presumption that he/she is one of the members of the prohibited organization or finances it.

Acts referred to the preceding paragraph shall be considered as an offence where the person who commits such acts does so knowing that it identifies a group or a terrorist organization.

Article 15: Supporting terrorist acts

A person's property supporting acts of terrorism shall mean:

1° funds or any other property used to support terrorism including the property of an organization operating or prohibited from operating;

2° outcomes of a terrorist act;

3° outcomes of an act carried out with an intention to commit terrorism in accordance with provisions of international conventions Rwanda ratified relating to suppression of terrorism.

Article 16: Toxic materials

Referred to the terrorist acts, any toxic material shall mean any object, which may bring a negative change

Commet également une infraction de terrorisme quiconque porte une uniforme, porte ou exhibe un tissu, un document, un support visuel, un support audio ou tout autre support qui fait la publicité du terrorisme, de manière et de façon à faire présumer valablement qu'il est membre d'une organisation interdite ou qu'il la finance.

Les faits visés à l'alinéa précédent deviennent une infraction lorsque l'auteur était au courant que cela représentait une organisation déclarée terroriste.

Article 15: Financement des actes de terrorisme

Les biens d'une personne qui finance les actes de terrorisme signifient :

1° capital investi dans l'acte de terrorisme y compris celui d'une organisation opérationnelle ou dont les actes sont interdits;

2° produit de l'acte de terrorisme;

3° produit d'acte commis avec intention de commettre le terrorisme dans le sens des dispositions de la convention internationale relative à la lutte contre le terrorisme ratifiée par le Rwanda.

Article 16: Objet fabriqué en matière toxique

Dans le cadre des actes terroristes, un objet fabriqué en matière toxique signifie un objet susceptible de

impinduka mbi ku rusobe rw'ibinyabuzima.

Ingingo ya 17: Iperereza n'abarikora

Iperereza ku bakekwaho ibikorwa by'iterabwoba bisobanura iperereza rikozwe na Polisi y'Igihugu, Ingabo z'Igihugu, Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Umutekano cyangwa urundi rwego rubifitiye ububasha byaba bikozwe mu bufatanye cyangwa se abagize urwego rumwe ukwabo, hagamijwe kurwanya iterabwoba no gushyikiriza abakekwa ubucamanza.

UMUTWE WA II: IBIKORWA BY'ITERABWOBA

Icyiciro cya mbere: Umutekano w'ikibuga cy'indege n'indege

Ingingo ya 18: Ukuyobya indege

Aba akoze icyaha cy'iterabwoba umuntu wese ukoresheje ingufu agamije gukanga, gufata ubuyobozi bw'indege cyangwa ukoresheje ubwo buyobozi bw'indege kugera kuri kimwe mu bikorwa bikurikira:

1° kwica cyangwa gukomeretsa uri mu ndege;

2° kujyana umuntu uwo ari we wese mu ndege atabishaka ahantu hose hatari aho indege iteganya kujya;

3° gufata umuntu uwo ari we wese uri mu ndege ugamije indonke cyangwa kumukoresha

on biodiversity.

Article 17: Investigation and investigators

Investigations on terrorism suspects means investigations carried out by the National Police, Rwanda Defence Force, National Security Service or any other competent organ whether done in collaboration or by each organ respectively, with an aim of fighting against terrorism and indicting the suspects.

CHAPTER II: ACTS OF TERRORISM

Section One: Security of airports and aircrafts

Article 18: Hijacking aircrafts

Commits the offence of terrorism any person using of force, with an intention to intimidate, capture the crew of an aircraft or using the crew of the aircraft with the purpose of achieving one of the following acts:

1° killing or injuring a person aboard the aircraft;

2° transporting any person aboard the aircraft without his/her consent to a place other than the scheduled destination of aircraft;

3° abducting a person in the aircraft for an illicit gain or forced labor;

provoquer un bouleversement dans la biodiversité.

Article 17 : Enquête et enquêteurs

L'enquête sur les suspects d'actes de terrorisme signifie une enquête menée par la Police Nationale, les Forces Rwandaises de Défense, le Service National de Sécurité ou toute autre autorité compétente soit conjointement ou individuellement dans le but de lutter contre le terrorisme et de traduire les suspects en justice.

CHAPITRE II : DES ACTES DE TERRORISME

Section première: De la sécurité des aéroports et des aéronefs

Article 18: Détournement d'un aéronef

Commet l'infraction de terrorisme quiconque use de la force dans l'intention d'intimider, de s'emparer de l'équipage d'un aéronef ou se sert de cette équipage dans le but de commettre l'un des actes suivants :

1° tuer ou blesser une personne à bord;

2° amener une personne à bord d'un aéronef à emprunter contre son gré la direction d'un endroit quelconque autre que la destination initiale de l'avion;

3° se saisir d'une personne se trouvant à bord pour avoir une rançon ou obtenir de lui une

umurimo adashaka ;

4° gutuma indege ihindura inzira yayo;

5° kwangiza indege;

6° guhungabanya umutekano w'abari mu ndege.

Ingingo ya 19: Guhungabanya umutekano ku kibuga cy'indege

Aba akoze icyaha cy'iterabwoba umuntu wese ukoresha imbaraga cyangwa ukangisha gukoresha imbaraga ku kibuga cy'indege iyo ibyo bikorwa bivuyemo:

1° kwica umuntu cyangwa kumukomeretsa ;

2° gusenya cyangwa kwangiza inyubako z'ikibuga cy'indege;

3° guhagarika imirimo imwe n'imwe ishobora kugira ingaruka mbi ku migendekere myiza y'ikibuga ;

4° guhungabanya umutekano w'ikibuga cy'indege n'inyubako.

Icyiciro cya 2 : Gufata bugwate

Ingingo ya 20 : Gufata bugwate

Gufata bugwate ni ugushimuta umuntu, kumujyana, kumuyobya no kumutwara aho azi cyangwa atazi

4° changing the aircraft's direction;

5° demolishing the aircraft;

6° causing insecurity of all on board the aircraft.

Article 19: Causing insecurity at the airport

Commits the offence of terrorism any person using force or threatening to use force at the airport and if such acts of terrorism result into:

1° killing or injuring a person;

2° demolishing or destroying buildings of an airport;

3° stopping certain activities which may have negative consequences on the performance of the airport;

4° Security threats of the airport and its infrastructures.

Section 2: Taking hostage

Article 20: Taking Hostage

Taking hostage refers to kidnapping, taking, diverting, and directing a person to a known or

prestation contre son gré ;

4° dévier un aéronef de son itinéraire;

5° endommager l'aéronef ;

6° porter atteinte à la sécurité de personnes se trouvant à bord.

Article 19: Atteinte à la sécurité à l'aéroport

Commet une infraction de terrorisme quiconque use ou menace d'user de la force à l'aéroport lorsque ces actes de terrorisme provoquent:

1° la mort ou les blessures d'une personne ;

2° la destruction ou détérioration des installations d'un aéroport;

3° l'interruption de certaines des activités susceptibles d'entraver les opérations normales de l'aéroport;

4° l'atteinte à la sécurité de l'aéroport et de ses installations.

Section 2 : Prise d'otage

Article 20: Prise d'otage

La prise d'otage signifie enlever, prendre et détourner une personne en vue de l'amener dans un endroit qui

kugira ngo uwamufashe abone inyungu z'agatsiko k'iterabwoba.

Icyiciro cya 3: Ibyitso n'ubufatanyacyaha

Ingingo ya 21: Ibyitso mu bikorwa by'iterabwoba

Afatwa nk'icyitso umuntu wese ujya cyangwa ugira uruhare mu bikorwa by'agatsiko k'iterabwoba harimo n'ibi bikurikira:

1° gutanga, kwakira cyangwa guhitamo umuntu kugira ngo akoreshwe imyitozo;

2° gutanga cyangwa guha uburyo bwo gutanga ubumenyi cyangwa ubuhanga mu nyungu, cyangwa mu bufatanye n'agatsiko k'iterabwoba;

3° kwegeranya, gutanga cyangwa gutuma haboneka, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, umutungo cyangwa se guhamagarira umuntu gutanga, gufasha gutuma haboneka umutungo cyangwa amafaranga cyangwa se indi mirimo ijyanye n'inyungu z'ako gatsiko;

4° gukoresha umutungo, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, mu nyungu z'ako gatsiko;

5° kugira umutungo ugamije gukoreshwa, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, mu nyungu z'ako gatsiko;

6° guhitamo umuntu kugira ngo afashe cyangwa

unknown destination in order for the hijacker to accomplish the interest of a terrorist group.

Section 3: Accomplices and complicity

Article 21: Accomplices in terrorist acts

Any person involved or participating in the following acts of a terrorist group shall be considered to be an accomplice:

1° giving, receiving or choosing a person for training;

2° giving or facilitating the supply of knowledge or expertise in the interest of or in collaboration with a terrorist group;

3° collecting, giving or facilitating the collection of property, directly or indirectly, or sensitizing a person to give, aid or facilitate the collection of property, funds or other activities related to the interest of that group;

4° using the property, directly or indirectly, in the interest of that group;

5° owning property reserved to be used, directly or indirectly, in the interest of that group;

6° choosing a person for aiding in or committing an

lui est connu ou non pour servir les intérêts d'un groupe terroriste.

Section 3 : Des complices et de la complicité

Article 21 : Complices dans les actes de terrorisme

Est considérée comme complice toute personne participant ou impliquée dans les activités d'un groupe terroriste telles que :

1° donner, accueillir ou choisir une personne pour lui faire subir des entraînements ;

2° donner ou rendre disponibles les moyens de donner les connaissances ou techniques dans l'intérêt ou en collaboration avec un groupe terroriste ;

3° collecter, donner ou contribuer à la recherche, de façon directe ou indirecte, des fonds ou sensibiliser une personne à donner, aider ou contribuer à la recherche du patrimoine ou de l'argent ou toute autre activité relative à l'intérêt de ce groupe ;

4° utiliser le patrimoine, directement ou indirectement, dans l'intérêt de ce groupe ;

5° avoir un patrimoine destiné à être utilisé, directement ou indirectement, dans l'intérêt de ce groupe ;

6° recruter une personne pour aider ou réaliser

akore igikorwa cy'iterabwoba;

7° gukora cyangwa kudakora igikorwa hanze y'Igihugu ku buryo iyo bikorerwa mu gihugu, cyari kuba ari igikorwa cy'iterabwoba;

8° kwinjira cyangwa kuguma mu gihugu icyo ari cyo cyose mu nyungu cyangwa mu bufatanye n'agatsiko k'iterabwoba;

9° kwitanga we ubwe, yubahiriza amabwiriza ahawe n'umwe mu bagize agatsiko k'iterabwoba, kugira ngo afashe cyangwa akore igikorwa cy'iterabwoba.

Ingingo ya 22 : Ubufatanyacyaha mu gikorwa cy' iterabwoba

Afatwa nk'umufatanyacyaha mu gikorwa cy'iterabwoba umuntu wese ugira uruhare mu gikorwa cyose cy'agatsiko k'iterabwoba, harimo n'ibi bikurikira:

1° gukoresha izina, ijambo, ikirango cyangwa ikindi kimenyetso kigaragaza cyangwa gifitanye isano n'agatsiko k'iterabwoba;

2° kuba akunze kuba ari hamwe n'abagize agatsiko k'iterabwoba;

3° kuba hari inyungu avana mu gatsiko k'iterabwoba;

4° kuba agaragara rimwe na rimwe mu bikorwa

act of terrorism;

7° committing or abstaining from committing an act outside the country to the extent that if it was committed within the country, it would be a terrorist act;

8° entering or remaining in any country in the interest of or in collaboration with a terrorist group;

9° sacrificing oneself, by adhering to the instructions given by one of the members of a terrorist group in order to aid or commit a terrorist act.

Article 22: Complicity in terrorism.

Any person involved or participating in the following acts of a terrorist group shall be considered to be an accomplice:

1° using a name, a word, an emblem or any other symbol related to a terrorist group;

2° being often in the company of the members of a terrorist group;

3° getting benefits from a terrorist group;

4° occasionally appearing in the acts ordered by

un acte de terrorisme ;

7° commettre ou s'abstenir de commettre un acte à l'extérieur du pays de façon que, si l'acte était commis dans le pays aurait été qualifié d'acte de terrorisme ;

8° entrer ou rester dans un pays quelconque dans l'intérêt ou en collaboration avec un groupe terroriste ;

9° se sacrifier en exécutant les instructions de l'un des membres d'un groupe terroriste pour aider ou perpétrer un acte de terrorisme.

Article 22: Complicité dans le terrorisme

Est considérée comme complice dans l'acte de terrorisme toute personne participant ou impliquée dans les activités d'un groupe terroriste telles que:

1° utiliser un nom, un mot, un emblème ou un autre signe invoquant un groupe terroriste ;

2° être souvent en compagnie des membres d'un groupe terroriste ;

3° tirer un avantage quelconque du groupe terroriste ;

4° participer de temps en temps aux activités

ategetswe n'abagize agatsiko k'iterabwoba.

members of a terrorist group.

ordonnées par les membres du groupe terroriste.

Icyiciro cya 4*:* Gukoresha intwaro za kirimbuzi, iz'ihumanya n'iziturika

Section 4: Use of nuclear, chemical weapons and explosives

Section 4: Utilisation des armes nucléaires, chimiques et des explosifs

Ingingo ya 23: Gukoresha intwaro za kirimbuzi

Aba akoze igikorwa cy'iterabwoba umuntu wese ukoresha, ukangisha, ugerageza kugambana cyangwa ugambana kugira ngo hakoreshwe intwaro za kirimbuzi anyuranyije n'amategeko kandi abigambiriye.

Article 23: Use of nuclear weapons

Any person who deliberately, and in contradiction with the law, uses or threatens to use mass destruction weapons, attempts to conspire or one who conspires deliberately in order to use nuclear weapons contrary to laws shall be guilty of the terrorist offence.

Article 23 : Utilisation des armes nucléaires

Commet un acte de terrorisme quiconque fait usage, menace, tente de comploter ou qui, intentionnellement et illicitement, complote délibérément pour l'utilisation des armes nucléaires contrairement à la loi.

Ingingo ya 24: Gukoresha intwaro zihumanya n'iziturika

Aba akoze igikorwa cy'iterabwoba, abigambiriye kandi agamije kwica, kubabaza umubiri w'undi muntu, kwangiza umutungo cyangwa ibidukikije umuntu wese:

1° ushyira ubumara cyangwa ikintu icyo aricyo cyose gihumanya ahantu;

2° wohereje ubumara cyangwa ikintu cyose gihumanya kiva ahantu kijya ahandi akoresheje iposita cyangwa ubundi buryo bwose bushoboka;

3° wumvisha umuntu aho ariho hose ku isi ko ikintu ari ubumara cyangwa ikintu cyose gihumanya cyangwa se ari intwaro ya kirimbuzi.

Article 24: Use of chemical weapons and explosives

Any person commits a terrorist act, deliberately intends to kill, causes bodily injury to another person, destroys property or environment when he/she:

1° puts toxic substances or any toxic thing in a certain place;

2° sends toxic substance or any toxic substances from one place to another by use of the postal or any other possible means;

3° informs a person anywhere in the world that a substance is toxic or any thing that is poisonous is a nuclear weapon.

Article 24 : Utilisation des armes chimiques et des explosifs

Commet un acte de terrorisme, intentionnellement et dans l'objectif de causer la mort, faire des lésions corporelles sur autrui, détériorer un patrimoine ou l'environnement toute personne qui:

1° pose les substances toxiques ou tout autre objet quelconque toxique dans un endroit ;

2° envoie des substances toxiques ou un autre objet toxique d'un lieu à un autre par poste ou par tout autre moyen possible;

3° fait comprendre à une personne partout où elle se trouve au monde qu'un objet constitue une substance toxique ou une arme nucléaire.

Ingingo ya 25: Gutunga ibikoresho n'inyandiko

Aba akoze igikorwa cy'iterabwoba umuntu wese utunga ibikoresho bishobora gukorwamo intwaro zihumanya, inyandiko z'uburyo izo ntwaro zikorwa n'uburyo zikoreshwa, igikoresho gifasha mu gukora izo ntwaro n'uzikora mu nganda agamije kubabaza umubiri w'undi muntu bikomeye, kwangiza umutungo cyangwa ibidukikije.

Article 25: Owning materials and documents

Any person who owns materials in which chemical weapons may be manufactured, documents on the manufacture and use of such weapons, any equipment that is used in their manufacturing in industries with an intention to seriously harm any other person's body, destroying property or environment shall be guilty of a terrorist act.

Article 25 : Possession des matières et des écrits

Commet un acte de terrorisme quiconque possède des matières pouvant servir à la fabrication des armes chimiques, des documents relatifs à la fabrication et à l'utilisation de ces armes, la matière servant dans la fabrication de ces armes, ou qui les fabrique en industrie, dans l'objectif de porter sérieusement atteinte au corps d'autrui, endommager son patrimoine ou l'environnement.

Icyiciro cya 5: Gufasha amashyirahamwe cyangwa agatsiko k'iterabwoba

Section 5: Aiding terrorist organization or a terrorist group

Section 5: De l'assistance aux organisation ou à un groupe de terrorisme

Ingingo ya 26: Igihe gufasha biba icyaha cy'iterabwoba

Article 26: When aiding becomes a terrorist offence

Article 26 : Quand l'assistance devient un acte terroriste.

Umuntu aba afashije mu gikorwa cy' iterabwoba iyo:

1° abikoze azi ko ari iterabwoba rigamijwe;

2° abikoze azi ko abo ateye inkunga, umuntu, agatsiko cyangwa ishyirahamwe bikora iterabwoba;

3° abikoze azi ko uwo atera inkunga yakoze iterabwoba.

A person aids an act of terrorism when:

1° he/she knows that he is aiding an act of terrorism;

2° he/she does so with the knowledge that he is assisting a person, a group or a terrorist organization;

3° he/she does so knowing that the person he/she is assisting committed terrorism.

Une personne fournit une assistance dans la commission d'un acte de terrorisme lorsque:

1° elle le fait tout en sachant qu'il s'agit d'un acte de terrorisme ;

2° elle le fait tout en sachant qu' elle donne son assistance à une personne, à un groupe ou à une organisation qui se livrent au terrorisme;

3° elle le fait tout en sachant que la personne à qui elle donne son assistance a commis un acte terroriste.

Ingingo ya 27: Gufasha ishyirahamwe ryabujije gukora

Article 27: Financing a prohibited organization

Article 27: Financement d'une organisation interdite

Umuntu aba akoze icyaha cy'iterabwoba iyo ashakira

Any person who mobilises funds, property or any

Commet une infraction de terrorisme celui qui

ishyirahamwe ryabujijwe gukora mu buryo buteganywa n'ingingo ya 10 y'iri tegeko, inkunga yaba amafaranga, umutungo cyangwa indi nkunga iyo ari yo yose.

other support for an organization prohibited under article 10 of this Law shall be guilty of an offence of terrorism.

recherche pour une organisation interdite conformément à l'article 10 une aide financière, en patrimoine ou toute autre aide.

Icyiciro cya 6:Umutungo wo gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba

Section 6: Property to support acts of terrorism

Section 6: Patrimoine pour le financement des actes de terrorisme

Ingingo ya 28: Umutungo ukomoka ku bikorwa by'iterabwoba

Article 28: Property from acts of terrorism.

Article 28: Patrimoine provenant des actes de terrorisme.

Umutungo wavuye mu bikorwa by'iterabwoba ni umutungo, waba wose cyangwa igice ugizwe mu buryo buziguye cyangwa butaziguye n'ibyavuye muri ibyo bikorwa harimo inyishyu cyangwa ibihembo bifitanye isano n'ibyo bikorwa.

The property from the acts of terrorism is any or part of property composed of direct or indirect outcomes of such acts of terrorism including compensation or awards related to such acts.

Le patrimoine provenant des actes de terrorisme signifie l'ensemble ou une partie des biens composés, directement ou indirectement, des produits de ces actes y compris les prestations ou primes relatives à ces actes.

Ingingo ya 29: Umutungo w'ishyirahamwe ryabujijwe gukora

Article 29: Property of a prohibited organization

Article 29: Patrimoine d'une organisation interdite

Umutungo w'ishyirahamwe ryabujijwe gukora ku mpamvu zifitanye isano n'iterabwoba ni amafaranga, undi mutungo ukoreshwa cyangwa ubitswe, ugomba gukoreshwa cyangwa kubikwa n'iryo shyirahamwe.

The property of a prohibited organization due to reasons related to terrorism implies funds, any other property to be used or on account or one which should be used or kept by the organization.

Le patrimoine d'une organisation interdite signifie les fonds, autre patrimoine ou les fonds logés sur les comptes devant être utilisés ou gardés par cette organisation.

Ingingo ya 30: Gutunga no gukoresha umutungo ukomoka ku iterabwoba

Article 30: Owning and using patrimony from terrorism

Article 30: Possession et usage du patrimoine provenant du terrorisme

Umuntu wese utunze cyangwa ukoresheje amafaranga cyangwa undi mutungo ukomoka ku iterabwoba n'ushyigikiye iterabwoba, aba akoze icyaha cy'iterabwoba.

Any person who possesses or uses money or any other property from terrorism and any other person who supports terrorism commits the offence of terrorism.

Quiconque possède ou use des capitaux ou autres produits du terrorisme ou qui appuie le terrorisme commet une infraction de terrorisme.

Ingingo ya 31: Guhishira abakora iterabwoba

Article 31: Concealing terrorists

Article 31: Recel de terroristes

Aba akoze icyaha cyo guhishira abakora iterabwoba,

Any person commits the offence of terrorism who

Commet une infraction de recel du terrorisme,

umuntu wese utamenyesheje abashinzwe umutekano n'izindi nzego zibishinzwe kandi azi neza cyangwa akeka ko undi muntu yakoze cyangwa ategura gukora cyangwa gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba.

doesn't inform the security forces and other relevant organs or who suspects any other person to have committed or attempts to commit or to finance acts of terrorism.

quiconque n'informe pas les agents de sécurité et d'autres organes compétents alors qu'il sait ou soupçonne ou qu'il a des raisons fondées de croire qu'une personne a commis ou envisage de commettre ou d'appuyer les actes de terrorisme.

Ingingo ya 32: Gutanga amakuru ku mafaranga akekwa kuba akomoka ku iterabwoba

Umuntu wese ufite amakuru, ukeka cyangwa wizera ko amafaranga cyangwa undi mutungo ari uw'umuntu ukora iterabwoba cyangwa ukomoka mu bikorwa by'iterabwoba agomba kubimenyesha abashinzwe umutekano cyangwa izindi nzego zibishinzwe akibimenya cyangwa se akibikeka.

Article 32: Disclosing information regarding to money suspected to have resulted from terrorism

Any person who has information to suspect or to confirm that the money or any other property belongs to a terrorist or that it is as a result of acts of terrorism shall notify security organs or other relevant authorities immediately when it comes to his/her knowledge or suspicion.

Article 32: Donner des informations sur des fonds soupçonnés issus du terrorisme

Quiconque dispose des informations, soupçonne ou a des raisons fondées qui le poussent à croire que les capitaux ou autres biens appartiennent à un terroriste ou proviennent des actes de terrorisme doit immédiatement le notifier aux agents de sécurité ou à d'autres organes compétents après avoir eu connaissance ou dès le soupçon.

Ingingo ya 33: Gutanga amakuru ku gikorwa cy'iterabwoba

Umuntu wese urebwa n'ibivugwa mu birebana no kugira uruhare mu masezerano y'amafaranga cyangwa undi mutungo ntabwo aba akoze icyaha iyo amenyesheje abashinzwe umutekano cyangwa izindi nzego zibishinzwe ko, akeka cyangwa yizera ko amafaranga cyangwa undi mutungo ari uw'umuntu ukora iterabwoba n'iyo ubivuga yaba akeka amakuru ashingiraho abyemeza.

Article 33: Disclosing information of a terrorist act

Any person concerned with provisions relating to participation in money agreements or any other property shall not have committed an offence if he/she notifies security organs, and other relevant authorities on suspicion or confirmation that the money or any other property belongs to a terrorist, even if he/she suspects while the information of his/her basis confirms so.

Article 33: Déclaration d'un acte de terrorisme

Ne commet pas d'infractions, quiconque, étant concerné par les dispositions relatives à la participation aux transactions ayant trait aux capitaux ou aux autres biens, déclare aux organes de sécurité ou à toute autre autorité compétente qu'il soupçonne ou affirme que ce capital ou ces autres biens appartiennent à un terroriste même si le dénonciateur se base sur des informations justifiant ce soupçon.

Ingingo ya 34: Gutanga amakuru

Ibivugwa mu ngingo ya 33 y'iri tegeko bijyanye no gutanga amakuru ku gikorwa cy'iterabwoba bikurikizwa gusa iyo umuntu watanze amakuru yari ataratahurwa.

Article 34: Disclosing information

Provisions referred to in Article 33 of this Law relating to disclosure of information on a terrorist act shall apply only if the informant is not yet identified.

Article 34: Fournir les informations

Les dispositions de l'article 33 de la présente loi sur la déclaration des informations sur les actes de terrorisme ne s'appliquent que si la personne l'a fait avant qu'elle ne soit identifiée.

Ibyo ntibikurikizwa ku muntu watanze amakuru agakomeza ibikorwa by'iterabwoba.

Such provisions shall not apply to the person who discloses information and continues commit terrorist acts.

Ces dispositions ne s'appliquent pas à la personne ayant fait les déclarations qui continue de poser des actes de terrorisme.

Ingingo ya 35 : Ifatira ry'umutungo

Urukiko rwaciriye umuntu urubanza ku cyaha cyo gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba rutanga icyemezo cy'ifatira ry'umutungo wa nyiri ibyo bikorwa.

Article 35: Confiscation of property

The court that tried an accused on an offence of aiding terrorist acts shall issue a deed of confiscation of the property of the accused.

Article 35 : Confiscation des biens

Le tribunal ayant condamné une personne pour crime de financement des actes de terrorisme ordonne la confiscation des biens du coupable.

Icyiciro cya 7: Ifatira ry'amafaranga y'abakora iterabwoba

Section 7: Seizure of terrorist funds

Section 7: Saisie des fonds appartenant aux terroristes

Ingingo ya 36: Ububasha bw'umukozi ubishinzwe

Article 36: Competence of a competent official

Article 36: Compétence de l'agent habilité

Iyo afashe amafaranga y'umuntu, y'agatsiko cyangwa y'ishyirahamwe bikekwa ko bikoreshwa mu gutera inkunga iterabwoba, umukozi ubifitiye ububasha abikorera inyandikomvugo mbere yo kuyashyira kuri konti iri muri Banki Nkuru y'Igihugu. Iyo nyandikomvugo ikorwa mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) afatiriwe.

Any competent official, in case he/she confiscates funds of a person, a group or an organization suspected to be used in financing terrorism shall make a statement thereof before depositing them on account in the National Bank of Rwanda. The statement shall be made in a period not exceeding twenty four (24) hours from the time of seizure.

En cas de saisie de fonds appartenant à une personne, un groupe ou une organisation soupçonné d'être utilisé pour financer les actes de terrorisme par un agent compétent, celui-ci dresse un procès-verbal y relatif avant de déposer cet argent au compte ouvert à la Banque Nationale du Rwanda. Le procès-verbal est dressé dans un délai ne dépassant pas vingt quatre (24) heures à compter de la saisie.

Kopi y'iyo nyandikomvugo ihabwa uwafatiriwe amafaranga n'inzego zikuriye uwo mukozi kandi igashyikirizwa Ubushinjacyaha Bukuru.

The copy of such a statement shall be given to the person whose funds have been confiscated by the superior authorities of such an official and to the National Public Prosecution Authority.

La copie de ce procès-verbal est transmise à la personne dont l'argent est saisi, aux supérieurs hiérarchiques de l'agent saisissant et à l'Organe national de Poursuite Judiciaire.

Ingingo ya 37 : Igihe icyemezo cy'ifatira kimara

Article 37: Validity of the certificate of the seizure of seizure

Article 37: Duré de validité de l'ordonnance de saisie

Ubushinjacyaha Bukuru busaba Urukiko rubifitiye ububasha icyemezo cyo gukomeza kubika amafaranga

The National Public Prosecution Authority shall request the competent court to provide a certificate to

L'Organe National de Poursuite Judiciaire Parquet demande à la Juridiction compétente l'ordonnance de

yafatiriwe, icyo cyemezo kimara igihe cy'amezi atatu (3) gishobora kongerwa.

the custody of the seized funds. The certificate shall be valid last for three (3) months renewable.

conservation de l'argent confisqué. La validité de cette ordonnance est d'une durée de trois (3) mois renouvelable.

Ingingo ya 38: Uhamwa n'icyaha hari amafaranga yafatiriwe

Iyo urukurikiranywe ahamwe n'icyaha cyo gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba hari amafaranga ye yafatiriwe, Urukiko rufata icyemezo ku cyerekezo cy'ayo mafaranga.

Article 38: Convicted person in case of seized funds

In case the accused is convicted of financing terrorist acts, when there are seized funds, the court shall take decision on such amount.

Article 38: Personne reconnue coupable en cas de saisie de fonds

Si le prévenu est reconnu coupable d'une infraction de financement des actes du terrorisme dans une affaire où il y a eu saisie de fonds, la juridiction prend la décision sur la destination de cet argent.

Ingingo ya 39: Icyemezo kireba amafaranga yafatiriwe

Iyo urukiko rusanze amafaranga yafatiriwe yari agenewe gukoreshwa mu bikorwa by'iterabwoba ruyegurira Leta y'u Rwanda. Amafaranga yose yafatiwe icyemezo cy'ifatira agenerwa Umutwe ushinzwe kurwanya iterabwoba mu Gihugu iyo urubanza rwarangiye burundu, kandi uregwa yahamwe n' icyaha. Iyo rusanze ayo mafaranga ataragenewe ibikorwa by'iterabwoba asubizwa nyirayo.

Article 39: Decision on the seized funds

Where the court finds that the seized funds are meant for being used in terrorist acts, it shall give them to the Government of Rwanda. The seized funds shall be given to the Country's antiterrorist Unit when the final judgement is rendered and when the accused is convicted. In case the court finds that the funds were not meant for terrorist acts, they shall be given back to the owner.

Article 39: Décision sur les fonds saisis

Si la juridiction constate que les fonds saisis étaient destinés aux actes de terrorisme, ils sont versés au trésor public. Tous les fonds saisis sont donnés à l'Unité antiterroriste du pays après jugement définitif. Si la juridiction constate que ces fonds n'étaient pas destinés aux actes de terrorisme, ils sont restitués au propriétaire.

Ingingo ya 40: Ifatira n'inyaga ry'undi mutungo

Bubisabwe n'umukozi ubifitiye ububasha cyangwa Ubugenzacyaha, cyangwa bubyibwirije, Ubushinjacyaha Bukuru bushobora gusaba Urukiko gutanga icyemezo cyo gufatira undi mutungo w'abakekwaho gukora ibikorwa by'iterabwoba.

Article 40: Seizure and dispossession of other property

Upon request by a competent officer or the judicial police, or at its own initiative, the National Public Prosecution Authority may request the court to issue a certificate permitting the confiscation of other property of terrorist suspects.

Article 40: Saisie et dépossession d'autres biens

Sur proposition d'un agent compétent ou de l'officier de police judiciaire ou de sa propre initiative, l'Organe National de Poursuite Judiciaire peut demander à la juridiction d'émettre une ordonnance de procéder à la confiscation d'autres biens appartenant aux personnes soupçonnées de terrorisme.

Iyo urukiko rusanze uwo mutungo warakoreshejwe cyangwa wari gukoreshwa mu iterabwoba rurawunyaga rukawegurira Leta.

In case the Court finds that such property was used or was to be used in terrorism, it shall seize it and thereafter give it to the State.

Lorsque la juridiction constate que ces biens ont été utilisés ou étaient destinés à être utilisés dans les actes de terrorisme, elle procède à la dépossession des biens et les remet à l'Etat.

Iyo urukiko rusanze uwo mutungo utaragenewe ibikorwa by'iterabwoba usubizwa nyirayo.

In case the Court finds that the property was not meant for terrorist acts, the property shall be returned to the owner.

Lorsque la juridiction constate que les biens saisis ne sont pas destinés aux actes de terrorisme, ils sont restitués à leur propriétaire.

Ingingo ya 41: Ubujurire

Article 41: Appeal

Article 41: Recours

Icyemezo cy'urukiko ku mutungo w'abakekwaho ibikorwa by'iterabwoba kijuririrwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

The Court decision on the property of terrorist suspects shall be appealed against in accordance with the provisions of the law.

Le recours contre la décision d'une juridiction sur les biens des personnes soupçonnées de commettre des actes de terrorisme se fait conformément à la loi.

Iyo urukiko rusanze uwo mutungo wafatiriwe warakoreshejwe cyangwa wari ugenewe gukoreshwa mu bikorwa by'iterabwoba, ruwegurira Leta, ugakoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 39 y'iri tegeko.

Where the Court finds that such confiscated property was used or meant to be used in terrorist acts, the property shall be given to State and be used in accordance with provisions of Article 39 of this Law.

Si la juridiction constate que les biens saisis ont été utilisés ou étaient destinés aux actes de terrorisme, elle les remet à l'Etat pour être utilisés conformément aux dispositions de l'article 39 de la présente loi.

Iyo urukiko rusanze uwo mutungo utari ugenewe ibikorwa by'iterabwoba, usubizwa nyirawo.

In the case the Court finds that the property was not meant for being used in terrorist acts, the property shall be returned to the owner.

Lorsque la juridiction constate que les biens saisis ne sont pas destinés aux actes de terrorisme, ils sont restitués à leur propriétaire.

UMUTWE WA III: UBUBASHA BWO KURWANYA ITERABWOBA

CHAPTER III: COMPETENCE TO COUNTER TERRORISM

CHAPITRE III: DE LA COMPETENCE DANS LA LUTTE CONTRE LE TERRORISME

Icyiciro cya mbere: Igota ry'ahakekwaho ibikorwa by'iterabwoba

Section One: Cordoning an area suspected of terrorism activities

Section première : Encerclement d'un lieu présumé abriter les opérations de terrorisme

Ingingo ya 42: Igota n'abashinzwe kurikora

Article 42: Cordoning and responsible persons

Article 42: Encerclement et autorité compétente

Iyo hari ahantu hakekwa ibikorwa by'iterabwoba, umupolisi cyangwa undi muntu ushinzwe umutekano

In case there is an area suspected of acts of terrorism, a police officer or any other person in charge of

Un agent de police ou tout autre agent de sécurité compétent peut effectuer l'encerclement d'un lieu

ashobora kuhagota, agahita abimenyesha Ubuyobozi bwa Polisi.

Iyo isanze ari ngombwa, Polisi y'Igihugu ikomeza kugota aho hantu kugeza igihe impamvu zatumye iryo gota ribaho zirangiye. Polisi y'Igihugu igaragaza imbibi z'ahagoswe iyo bishoboka, kandi aho hantu hashyirwa ikimenyetso cyanditseho **"Police"**.

Ingingo ya 43: Ukurindwa kw'ahagoswe

Umupolisi, cyangwa undi mukozi wese wabiherewe ububasha ashobora:

1° gutegeka umuntu guhita ava mu gace kagoswe;

2° gukumira cyangwa kubuza abanyamaguru cyangwa ibinyabiziga kwinjira mu gace kagoswe;

Umuntu aba akoze icyaha iyo abangamiye ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo.

Abimuwe cyangwa abavanywe mu byabo bitabwaho n'inzego za Leta zibishinzwe.

security shall cordon off the area and immediately inform police authorities.

If considered necessary, the National Police shall proceed to cordon off the area until the reasons for cordoning cease. The National Police shall demarcate the boundaries of the areas under siege and such a place shall be marked with a sign post with the world **"Police"** written on.

Article 43: Protection of a cordoned area

A police officer or any other authorised officer may:

1° order a person to vacate the cordoned area;

2° prevent or prohibit pedestrians or vehicles from entering into the cordoned area;

Any person who contradicts the implementation of the provisions of Paragraph One of this Article shall commit an offence.

Displaced persons shall be catered for by the relevant state organs.

présumé abriter les opérations de terrorisme et le notifier immédiatement aux autorités de police.

S'il s'avère nécessaire, la Police Nationale continue d'encercler l'endroit jusqu'à ce que les raisons ayant poussé à l'encerclement soient levées. La Police Nationale montre les limites de l'endroit encerclé si c'est possible et y place un signal portant la mention **"Police"**.

Article 43: Protection du lieu encerclé

L'agent de police ou tout autre agent compétent peut:

1° ordonner qu'une personne quitte directement la zone encerclée ;

2° empêcher ou interdire les piétons ou les véhicules d'entrer dans la zone encerclée;

Commet une infraction, toute personne qui entrave l'application des dispositions de l'alinéa premier du présent article.

Les personnes déplacées ou obligées de quitter leurs biens sont prises en charge par les organes compétents de l'Etat.

Icyiciro cya 2: Gufata no gusaka nta rupapuro rwabugenewe

Ingingo ya 44 : Gufata ukekwaho iterabwoba nta rupapuro rwabugenewe

Abashinzwe umutekano bashobora gufata umuntu ukekwaho iterabwoba nta rupapuro rwabugenewe, ariko bakabimenyesha ubuyobozi bubishinzwe bitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48).

Ingingo ya 45: Gufata no gusaka nta nteguza

Umupolisi, umwe mu bagize inzego z'umutekano cyangwa undi muntu wese wabiherewe ububasha bashobora gufata umuntu nta rupapuro rwabigenewe, iyo hari impamvu zumvikana zo gukeka ko uwo muntu yakoze cyangwa agiye gukora iterabwoba akamushyikiriza sitasiyo ya polisi imwegereye mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48).

Bashobora kandi kwinjira no gusaka inyubako zose uwo muntu yari arimo bikamenyeshwa ubuyobozi bwa polisi bitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48).

Icyiciro cya 3: Icyemezo cyo gufata no gusaka

Ingingo ya 46: Icyemezo cyo gufata no gusaka n'ugitanga

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 45 y'iri tegeko, icyemezo cyanditswe cyo gufata ukekwaho ibikorwa by'iterabwoba cyangwa icyo gusaka

Section 2 : Arrest and search without warrant

Article 44: Arresting a terrorist suspect without an arrest warrant

Security agents may arrest a terrorist suspect without an arrest warrant but shall notify the relevant authorities not later than forty eight (48) hours.

Article 45: Impromptu arrest and search

A Police officer, a security agent or any other authorised person may arrest without warrant in case of clear reasons for suspecting such a person to have committed or attempts to commit acts of terrorism and shall hand him/her over to the nearest police station in a period not exceeding forty eight (48) hours.

They may also enter and search all buildings in which such a suspect lives and the police authorities shall be informed in a period not exceeding forty eight (48) hours.

Section 3: Arrest warrants and search

Article 46: Arrest warrant and person to issue it

Without prejudice to the provisions of Article 45 of this Law, a written authorization to arrest a terrorist suspect or search terrorist suspects shall be signed by

Section 2 : Arrestation et perquisition sans mandat

Article 44: Arrestation de la personne soupçonnée d'acte de terrorisme sans mandat d'arrêt

Les agents de sécurité peuvent arrêter une personne soupçonnée de terrorisme sans mandat d'arrêt et doivent en informer l'autorité compétente endéans quarante-huit (48) heures.

Article 45: Arrestation et perquisition improvisée

Un agent de police, un agent de sécurité ou tout autre agent compétent peut, lorsqu'il a des raisons pouvant susciter la suspicion de la commission ou de l'intention de la commission d'un acte de terrorisme, arrêter sans mandat d'arrêt une personne soupçonnée et la transférer à la station de police la plus proche dans un délai ne dépassant pas quarante-huit (48) heures.

Ils peuvent également entrer et faire une perquisition de tous les bâtiments fréquentés par la personne soupçonnée et notifier l'autorité de police dans un délai de quarante-huit (48) heures.

Section 3: Mandats d'arrêts et perquisition

Article 46: Mandat d'arrêt et autorité compétente

Sans préjudice des dispositions de l'article 45 de la présente loi, le mandat d'arrêt écrit ou de perquisition doit être rédigé et signé par l'un des agents ci-après :

abakekwaho ibyo bikorwa, gishyirwaho umukono n'umwe muri aba bakurikira :

1° umupolisi uri mu rwego rwa ofisiye;
2° umukozi wa gasutamo ubifitiye ububasha;
3° umusirikare uri mu rwego rwa ofisiye;
4° umukozi wese wo mu rwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano ubifitiye ububasha.

Ingingo ya 47: Igihe icyemezo cyo gufata kimara

Icyemezo gitangwa n'abavugwa mu ngingo ya 46 y'iri tegeko ntigishobora kurenza amasaha mirongo irindwi n'abiri (72). Uwagifashe ahita abimenyesha ubuyobozi bwa Polisi. Ubushinjacyaha Bukuru butanga ububasha bwo gufata no gusaka busimbura icyo cyemezo, iyo ari ngombwa.

Icyiciro cya 4: Ububasha bwo gufata no gusaka

Ingingo ya 48: Isakwa ry'ibinyabiziga n'abantu babirimo

Umupolisi cyangwa undi mukozi wabiherewe ububasha afite uburenganzira bwo gufata no gusaka :

1° ikinyabiziga;
2° umushoferi w'icyo kinyabiziga;
3° umugenzi uri muri icyo kinyabiziga;
4° ikintu cyose kiri mu kinyabiziga.

Ububasha buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo

one of the following persons:

1° a police officer by rank;
2° an authorized custom official;
3° an army officer;
4° any authorised officer from the National Security Service.

Article 47: Validity of the arrest warrant

The warrant issued by persons mentioned in Article 46 of this Law shall not exceed seventy two (72) hours. The authority who issued it shall immediately notify the Police authorities. The National Public Prosecution Authority shall issue the authorization to arrest and search in order to replace the arrest warrant if deemed necessary.

Section 4: Competence to arrest and search

Article 48: Search of vehicles and passengers on board

A police officer or any other authorized agent has the right to arrest and to search:

1° a vehicle;
2° a driver of such a vehicle;
3° a passenger on board;
4° any object in such a vehicle.

The power mentioned in paragraph one of this article

1° un agent de police du grade d'officier;
2° un agent compétent en douane;
3° un militaire du grade d'officier;
4° tout agent compétent du Service National de Sécurité.

Article 47: Délai de validité du mandat d'arrêt.

La durée de validité du mandat livré par les personnes prévues à l'article 46 de la présente loi ne peut dépasser soixante douze (72) heures. La personne qui a émis le mandat informe directement l'autorité de police. L'organe National de Poursuite Judiciaire délivre, en cas de nécessité, l'autorisation d'arrestation et de perquisition tenant lieu du mandat d'arrêt.

Section 4 : Compétence en matière d'arrestation et de fouille

Article 48: Fouille de véhicules et fouille de passagers à bord

Un agent de police ou tout autre agent compétent est investi de compétence d'arrêter et de fouiller :

1° un véhicule;
2° le chauffeur de ce véhicule;
3° le passager à bord;
4° tout objet à bord du véhicule.

La compétence prévue à l'alinéa premier du présent

bugaragaza ahantu cyangwa agace runaka gakorerwamo iryo sakwa.

Ingingo ya 49 : Isakwa ry'abanyamaguru

Ububasha buvugwa muri uyu mutwe wa III buha ububasha umupolisi wese cyangwa undi mukozi ubyemerewe wambaye imyenda y'akazi bimuranga guhagarika umunyamaguru ahantu runaka cyangwa mu gace kavugwa muri ubwo bubasha ndetse no gusaka ikintu cyose aketse.

Ingingo ya 50 : Igihe cy'imenyekanisha ry'ububasha bwo gufata no gusaka

Iyo ububasha bwo gufata no gusaka butanzwe mu magambo, ubutanze agomba kubyemeza mu nyandiko mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) n'ubwo icyo gikorwa cyaba cyarangiye.

Ingingo ya 51: Kwinjira mu nyubako hakoreshejwe imbaraga

Umupolisi cyangwa undi mukozi ubifitiye ububasha ashobora gukoresha imbaraga mu kwinjira mu nyubako iyo ba nyirayo bamwangiye kuyinjiramo cyangwa yanze gufunguka, n'ubwo byaba ngombwa ko hagira igisenywa cyangwa cyangizwa ku mutungo.

Ingingo ya 52: Kwifashisha impuguke

Hubahirijwe n'andi mategeko ku mikoreshereze y'impuguke, igihe cyose bibaye ngombwa abahanga mu bijyanye n'ibisakwa baritabazwa.

shall indicate the place or a certain area in which such a search can be conducted.

Article 49: Search of pedestrians

The power mentioned in this Chapter III is vested with any police officer or other authorized agent in a uniform of that particular duty to stop a certain pedestrian in a certain place or in an area specifically mentioned as well as to search for any suspicious object.

Article 50: Period for notification of competence to arrest and search

If competence to arrest and search is authorized in words, the grantor shall demonstrate it in writing in a period not exceeding more than twenty four (24) hours although such an act may have been completed.

Article 51: Forceful entrance into buildings

Any police officer or any other authorised worker may forcefully enter into a building in case the owners refuse him/her to enter or in case of failure to open, even if it is necessary to demolish it or destroy a part of the property.

Article 52: Use of experts

In respect of other laws on the use of experts, search experts in related fields shall be consulted at any time.

article définit l'endroit ou la zone soumis à la fouille.

Article 49 : Fouille de piétons

La compétence prévue dans le présent chapitre III confère à tout agent de police ou tout agent autorisé portant l'uniforme de service d'arrêter un piéton dans une zone ou un endroit à l'intérieur de cette compétence et d'effectuer la fouille de toute chose soupçonnée.

Article 50: Délai de communication de la compétence d'arrestation et de fouille

Lorsque la compétence est conférée verbalement, l'autorité qui la confère doit l'attester par écrit dans un délai ne dépassant pas vingt quatre (24) heures même si l'opération est terminée avant cette période.

Article 51: Entrée par force dans une installation

Si l'entrée normale d'une installation est interdite ou barrée par les propriétaires, l'agent de police ou autre agent compétent peut nonobstant toute destruction ou détérioration de la propriété, entrer par force.

Article 52: Réquisition d'experts

Dans le respect d'autres lois relatives à l'expertise, en tout état de cause s'il s'avère nécessaire, les experts en perquisition peuvent être requis.

Ingingo ya 53: Ibika ry'ibimenyetso bifatiwe mu isakwa

Ushinzwe isaka ashobora gufata ikintu cyose abonye mu gikorwa cy'iterabwoba kandi afitiye ibimenyetso bituma akeka ko cyakoreshwa ibikorwa by'iterabwoba akagishyikiriza sitasiyo ya polisi imwegereye.

Icyiciro cya 5: Gufata no gufunga

Ingingo ya 54 : Ugufatwa k'ukekwa

Ushinzwe umutekano cyangwa undi wese ubifitiye ububasha, abifitiye urupapuro rwabigenewe no ku mpamvu zo gukora iperereza, afata umuntu afitiye impamvu zigaragara ko akora igikorwa cy'iterabwoba akamushyikiriza sitasiyo ya Polisi ibegereye mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 45 y'iri tegeko.

UMUTWE WA IV: UBUFATANYE MPUZAMAHANGA

Ingingo ya 55: Ubufatanye n'izindi Leta

Leta y'u Rwanda, igirana ubufatanye n'izindi Leta mu rwego rwo guhana amakuru, iperereza n'ikurikirana bigamije ibyemezo bishingana by'agateganyo, ifatira n'ubunyage bw'ibikoresho, amafaranga n'umutungo bifitanye isano n'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, ku mpamvu zo guhererekanya abanyabyaha n'iz'ubufatanye mu bya tekiniki.

Article 53: Storage of the evidence from a search

A person responsible for a search may, with sufficient grounds, seize any object seen in terrorist act that can be an exhibition that the person may commit an act of terrorism and shall hand over to the nearest police station.

Section 5: Arrest and imprisonment

Article 54: Arrest of the suspect

A security officer or any other authorised person who is in possession of an arrest warrant and for reasons of conducting investigations, shall, on justified grounds arrest a person who is suspected of committing terrorist acts and shall hand him/her over to the nearest police station in accordance with provisions of Article 45 of this Law in a period not exceeding forty-eight (48) hours.

CHAPTER IV: INTERNATIONAL COOPERATION

Article 55: Cooperation with other States

The Government of Rwanda shall be in cooperation with other countries in the framework of exchange of information, conduct of investigation, prosecution with intention of provisional seizure for security, confiscation and dispossession of property, funds and property relating to money laundering and financing terrorism, extradition and technical cooperation.

Article 53: Conservation des indices résultant de la perquisition

L'agent chargé de la perquisition peut saisir toute chose trouvée s'il a des raisons fondées pouvant lui permettre de croire que cette chose peut servir à commettre des actes de terrorisme et la remettre à la station de police la plus proche.

Section 5: Arrestation et détention

Article 54: Arrestation du suspect

L'agent de sécurité ou tout autre agent compétent, muni d'un mandat, et disposant d'éléments lui permettant de soupçonner qu'une personne commet un acte de terrorisme peut arrêter cette personne pour raison d'enquête et la remettre à la station de police la plus proche dans un délai ne dépassant pas quarante-huit (48) heures conformément à l'article 45 de la présente loi.

CHAPITRE IV: COOPERATION INTERNATIONALE

Article 55: Coopération avec d'autres Etats

L'Etat rwandais coopère avec d'autres Etats dans le cadre de l'échange d'informations, de la réalisation d'une enquête et des poursuites en vue des mesures conservatoires, de saisie, de dépossession des équipements, des capitaux et des biens liés au blanchiment de capitaux et au financement du terrorisme pour des raisons d'extradition et de coopération technique.

Ingingo ya 56: Ibisabirwa ubufatanye

Bisabwe na Leta y'ikindi gihugu, isaba ry'ubufatanye mu byerekeranye n'ibyaha bivugwa muri iri tegeko rikorwa ku buryo bujyanye n'amahame risobanura.

Mu bufatanye hashobora kubamo:

1° gusaba ibimenyetso cyangwa ubuhamya ku bantu;

2° gufasha abayobozi mu by'ubutabera ba Leta y'ikindi gihugu kugera ku bantu bafunze cyangwa abandi bantu kugira ngo batange ubuhamya cyangwa bafashe ipererezа;

3° gutanga inyandiko iyo ariyo yose ijyanye n'ubucamanza ;

4° gusaka no gufatira;

5° gusuzuma ibintu n'aho biri;

6° gutanga amakuru n'ibindi byagaragaza ibimenyetso;

7° gutanga impapuro z'umwimerere cyangwa ziriho umukono wa noteri, z'inyandiko n'ibindi bikubiyemo amakuru bya ngombwa harimo ibya Leta, ibya banki, iby'imari cyangwa iby'imiryango cyangwa ubucuruzi.

Article 56: Purpose for request of cooperation

The request for mutual legal assistance from a foreign State relating to the offences under this Law shall be carried out in accordance with the principles defined by this Law.

The cooperation may include:

1° collection of evidence or statements from persons;

2° assistance of foreign state legal authorities in providing access to detained persons or other persons in order to witness or to help in the enquiries;

3° providing of any judicial document;

4° executing searches and seizures;

5° examining objects and visiting sites;

6° providing information, and evidentiary items

7° providing originals or certified copies of relevant documents, including official documents, bank statements, accounting documents and registers showing the functioning of an enterprise or its commercial activities.

Article 56: Motifs de demande de coopération

Sur requête d'un Etat étranger, la demande de coopération en matière d'infractions prévues dans la présente loi se fait conformément aux principes qu'elle définit.

La coopération peut porter sur les éléments suivants :

1° le recueil de témoignages ou de dépositions ;

2° l'aide aux autorités judiciaires de l'Etat étranger en mettant à leur disposition des personnes détenues ou d'autres personnes, aux fins de témoignage ou d'assistance dans la conduite de l'enquête ;

3° la remise de tout document judiciaire ;

4° les perquisitions et les saisies ;

5° l'examen d'objets et les descentes sur les lieux ;

6° la fourniture de renseignements et de pièces à conviction ;

7° la présentation des originaux ou de copies certifiées conformes aux dossiers et documents pertinents y compris des documents officiels, des relevés bancaires, des pièces comptables, des registres montrant le fonctionnement d'une entreprise ou ses activités commerciales.

Ingingo ya 57: Kutemera ubufatanye

Gusaba ubufatanye bishobora gusa kwangwa iyo :

1° bishobora kubangamira umudendezo, ubusugire, umutekano n'amahame y'ingenzi ya Repubulika y'u Rwanda;

2° ubuyobozi bubisaba butabihererwa ububasha n'itegeko rya Leta isaba;

3° ibyo isaba rishingiraho byahaniwe cyangwa byafashweho icyemezo bidasubirwaho n'urukiko mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda ;

4° icyaha isaba rishingiraho kitaba mu mategeko y'u Rwanda cyangwa kidahuje imiterere n'icyaha kiba mu mategeko ya Repubulika y'u Rwanda ;

5° ibyemezo bisabwa, cyangwa ibindi byemezo, bifite ingaruka zimwe bitemewe n'itegeko rya Repubulika y'u Rwanda cyangwa bidashobora gukurikizwa ku byaha isaba rishingiraho mu mategeko ya Repubulika y'u Rwanda ;

6° ibyemezo bisabwa bidashobora gufatwa cyangwa ngo byubahirizwe bitewe n'ubuzime bw'icyaha cy'iterabwoba cyangwa gutera inkunga iterabwoba biteganywa n'amategeko ya Repubulika y'u Rwanda cyangwa aya Leta isaba;

Article 57: Refusal of cooperation

Request for cooperation may only be rejected where:

1° it is likely to prejudice the public order, sovereignty, security or fundamental principles of the Republic of Rwanda;

2° the requesting authority is not competent under the requesting state Law;

3° the facts on which the request is based have already been definitively judged on the territory of the Republic of Rwanda;

4° the offence on which the request is based does not exist under the Law of the Republic of Rwanda or does not have common characteristics with an offence existing under the Law of the Republic of Rwanda;

5° the requested measures or other measures with similar effects are not authorized under the Law of the Republic of Rwanda or cannot be applied to the offences on which the request is based under the law of the Republic of Rwanda;

6° the requested measures cannot be decreed or executed because of the prescription of the crime of terrorism or financing terrorism under the Law of the Republic of Rwanda or under the Law of the requesting state;

Article 57 : Refus de coopération

La demande d'entraide ne peut être refusée que si :

1° son exécution risque de porter atteinte à l'ordre public, à la souveraineté, à la sécurité ou aux principes fondamentaux de la République du Rwanda;

2° elle n'émane pas d'une autorité compétente selon la législation du pays requérant ;

3° les faits sur lesquels elle porte ont déjà fait l'objet de sanction ou d'une décision judiciaire coulée en force de chose jugée sur le territoire de la République du Rwanda;

4° l'infraction visée dans la demande n'est pas prévue par la législation de la République du Rwanda ou ne présente pas de caractéristiques communes avec une infraction prévue par la législation de la République du Rwanda;

5° les mesures sollicitées ou toutes autres mesures ayant des effets analogues, ne sont pas autorisées par la législation de la République du Rwanda ou ne sont pas applicables aux infractions visées dans la demande d'après la législation de la République du Rwanda;

6° les mesures demandées ne peuvent être prises ou exécutées pour cause de prescription de l'infraction de terrorisme ou de financement du terrorisme d'après la législation de la République du Rwanda ou celle de l'Etat requérant;

7° icyemezo gisabwa gukurikizwa kitarebwa n'amategeko ya Repubulika y'u Rwanda;

8° icyemezo giturutse mu kindi gihugu cyategetswe mu buryo budatanga icyizere mu buryo buhagije mu birebana n'uburyo bwo kwiregura;

9° hari impamvu z'ingenzi zemeza ko isaba rigamije gukurikirana cyangwa guhana umuntu bishingiye ku gitsina, ibara ry'uruhu, idini n'ubwenegihugu, ubwoko cyangwa ibitekerezo bya politiki;

10° isaba rishingiye ku cyaha cya politiki cyangwa ritewe n'impamvu za politiki;

11° ikibazo kidasobanura neza ibyemezo byasabwe cyangwa se imikurikiranire y'icyemezo cy'urukiko rw'ikindi gihugu.

Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda imenyesha bidatinze impamvu yanze kubahiriza ibisabwa.

Ingingo ya 58: Gusaba gukora ipererereza

Gukora anketi n'ipererereza, bikorwa hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda keretse abayobozi babishinzwe bo mu kindi gihugu basabye ko bikorwa mu buryo bwihariye butanyuranije n'amategeko ya Repubulika y'u Rwanda.

7° the requested measure to be implemented is not binding under the legislation of the Republic of Rwanda;

8° the decision from another country has been ordered in conditions that do not offer sufficient guarantees regarding the rights of the defense;

9° there are substantial grounds for believing that the request has been made for the purpose of prosecuting or punishing a person on the basis of sex, race, religion, nationality, ethnic origin or political opinions;

10° the request is based on a political offence or motivated by political consideration;

11° the case is not important enough to justify the requested measures or the enforcement of the foreign court decision.

The Government of the Republic of Rwanda shall communicate immediately the grounds for refusal of the request.

Article 58: Request for conducting investigations

Investigative and trial measures shall be executed in accordance with the laws of the Republic of Rwanda unless the competent authorities of a another State requires that it be proceeded according to a specific form compatible with the legislation of the Republic of Rwanda.

7° la décision dont l'exécution est demandée n'est pas exécutoire sous la législation de la République du Rwanda;

8° la décision étrangère a été prononcée dans des conditions n'offrant pas de garanties suffisantes au regard des droits de la défense;

9° il y a de sérieuses raisons de croire que les mesures demandées ou la décision sollicitée ne visent la personne concernée qu'en raison de son sexe, de sa race, de sa religion, de sa nationalité, de son origine ethnique, de ses opinions politiques ;

10° la demande porte sur une infraction politique ou est motivée par des considérations d'ordre politique ;

11° l'importance de l'affaire ne justifie pas les mesures réclamées ou l'exécution de la décision rendue à l'étranger.

Le Gouvernement de la République du Rwanda communique sans délai au gouvernement étranger les motifs du refus d'exécution de sa demande.

Article 58: Demande de réalisation d'une enquête

Les mesures d'enquête et d'instruction sont exécutées conformément à la législation de la République du Rwanda, à moins que les autorités compétentes d'un autre Etat n'aient demandé qu'il soit procédé selon une procédure particulière compatible avec la législation de la République du Rwanda.

Umucamanza cyangwa umukozi wa Leta woherejwe n'ubuyobozi bwo mu kindi gihugu, ashobora gukurikirana iyubahirizwa ry'ibyo byemezo bitewe n'uko biri gukorwa n'umucamanza cyangwa umukozi wa Leta.

A Judge or a civil servant sent by the requesting State may attend to the enforcement of the measures depending on whether they are executed by a judge or a civil servant.

Un magistrat ou un fonctionnaire délégué par l'autorité compétente de l'Etat requérant peut assister à l'exécution des mesures selon qu'il s'agit d'un magistrat ou d'un fonctionnaire qui les exécute.

Ingingo ya 59: Gusaba ibyemezo bishingana by'agateganyo.

Iyo igihugu cy'amahanga gisabye u Rwanda gufata ibyemezo bishingana by'agateganyo, urukiko rubifitiye ububasha rufata ibyo byemezo hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda arebana na byo. Iyo iryo saba ryanditse mu buryo rusange, urukiko rufata ibyemezo bishingana by'agateganyo bikwiye hakurikijwe amategekoya Repubulika y'u Rwanda.

Iyo ibyemezo bisabwa bidahuje n'amategeko y'u Rwanda, urukiko rubifitiye ububasha rushobora kubisimbuza ibyemezo bikwiye biteganywa n'amategeko ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 59: Request for provisional protective measures

In case a foreign country requests Rwanda to exercise provisionally protective measures, the competent Court shall order the aforementioned solicited protective measures according to the proper legislation of the Republic of Rwanda. If the request is written in general terms, the Court shall pronounce the most appropriate protective measures provided for by the legislation of the Republic of Rwanda.

In case the requested measures are not provided for by the Rwandan legislation, the competent Court may substitute them with appropriate measures provided for in the legislation of the Republic of Rwanda.

Article 59: Demande de mesures conservatoires

Lorsqu'un un Etat étranger demande au Rwanda de prendre des mesures conservatoires, la juridiction compétente du Rwanda ordonne lesdites mesures sollicitées conformément à la législation rwandaise. Si la demande est rédigée en termes généraux, la juridiction prononce les mesures les plus appropriées prévues par la législation rwandaise.

Dans le cas où les mesures sollicitées ne sont pas prévues par la législation rwandaise, la juridiction compétente peut leur substituer les mesures appropriées prévues par la législation de la République du Rwanda.

Ingingo ya 60: Gusaba ubunyage

Iyo habayeho isaba ry'ubufatanye ku mpamvu zo gufata ibyemezo byo kunyaga, urukiko rubifitiye Ububasha rufata icyemezo rubisabwe n'Ubushinjacyaha Bukuru. Icyemezo cy'ubunyage kireba umutungo n'ibikomoka cyangwa ibyakoreshejwe ku cyaha cyabereye ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda cyangwa kigatuma biba ngombwa ko hishyurwa amafaranga afite umubare ungana n'agaciro k'uwo mutungo.

Article 60: Request for dispossession

In the case of a request for cooperation for the purpose of pronouncing a decision of dispossession, the competent Court shall take a decision upon request of the National Public Prosecutor Authority. The decision of dispossession shall concern an asset constituting the product or the instrument of an offence taking place on the territory of the Republic of Rwanda, or creating an obligation to pay an amount of money corresponding to the value of this

Article 60: Demande de confiscation

Dans le cas d'une demande d'entraide judiciaire à l'effet de prononcer une décision de confiscation, la juridiction compétente statue sur saisine de l'Organe National de Poursuite Judiciaire. La décision de confiscation doit viser un bien constituant le produit ou l'instrument ayant servi à commettre une infraction se trouvant sur le territoire de la République du Rwanda, ou peut consister en l'obligation de payer une somme d'argent correspondant à la valeur de ce

asset.

bien.

Urukiko rubifitiye ububasha igihe rwiga isaba ryo kubahiriza icyemezo cy'ubunyage cyafatiwe mu kindi gihugu, rusuzuma iby'icyo cyemezo cyashingiyeho, rukaba rwakwanga gushyira mu bikorwa iryo saba bitewe gusa n'impamvu imwe mu zivugwa mu ngingo ya 40 y'iri tegeko.

The competent Court dealing with a request relating to the enforcement of a decision of dispossession pronounced abroad shall examine the facts on which the decision is based and can refuse execution of the request only for one of the reasons enumerated in Article 40 of this Law.

La juridiction compétente saisie d'une demande relative à l'exécution d'une décision de confiscation prononcée à l'étranger examine les faits sur lesquels se fonde la décision et ne peut refuser de faire droit à la demande que pour l'un des motifs énumérés à l'article 40 de la présente loi.

Ingingo ya 61: Iherezo ry'umutungo wanyazwe.

Article 61: Destiny of dispossessed property

Article 61 : Sort des biens confisqués

Leta y'u Rwanda ifite ububasha bwo gukoresha uko ishaka umutungo wanyagiwe ku butaka bwayo bisabwe n'ikindi gihugu, keretse iyo amasezerano yakoranywe n'igihugu kibisaba abiteganya ukundi.

The Rwandan State shall have the powers to dispose of dispossessed property on its territory upon request of foreign authorities, unless an agreement concluded with the requesting State provides otherwise.

L'Etat Rwandais jouit du pouvoir de disposition sur les biens confisqués sur son territoire à la demande d'autorités étrangères, à moins qu'un accord conclu avec l'Etat requérant n'en décide autrement.

Ingingo ya 62: Isaba ryo kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha

Article 62: Request for extradition

Article 62: Demande d'extradition

Isaba ryerekeye kwohererezanya abakurikiranyweho ibyaha kugira ngo bajye kuburanira mu kindi gihugu, rikorwa ku byaha biteganywa mu ngingo z'iri tegeko cyangwa kugira ngo hubahirizwe icyemezo cy'urukiko ku bijyanye n'icyo cyaha.

The requests for extradition of persons sought for purposes of procedure in a foreign State shall be carried out for the offences envisaged under the provisions of this Law or for purposes to enforce a judicial decision related to such an offence.

Les demandes d'extradition des personnes recherchées aux fins de poursuite dans un Etat étranger sont ouvertes pour les infractions prévues par la présente loi ou aux fins de l'exécution d'une décision judiciaire relative à une telle infraction.

Uburyo n'amahame biteganywa n'amasezerano ariho yo guhererekanya abakurikiranyweho icyaha hagati y'igihugu cyabisabye n'u Rwanda birakurikizwa.

The procedures and the principles provided for in the treaty of extradition in force between the requesting State and the Republic of Rwanda shall be applied.

Les procédures et les principes prévus par le traité d'extradition en vigueur entre l'Etat requérant et la République du Rwanda sont applicables.

Iyo nta masezerano yo kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha ahari, kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha bikorwa hakurikijwe uburyo n'iyubahirizwa ry'amahame asobanurwa n'amasezerano rusange yo kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha yemejwe n'Inteko Rusange

In the absence of a treaty of extradition or legislative provisions, the extradition shall be carried out according to the procedure and respecting the principles defined by the standard treaty of extradition adopted by the General Assembly of the United Nations in its Resolution 45/116. However,

En l'absence de traité d'extradition ou de dispositions législatives en la matière, l'extradition est exécutée selon la procédure et dans le respect des principes définis par le traité type d'extradition adopté par l'Assemblée Générale des Nations Unies dans sa résolution 45/116. Toutefois, les dispositions de la

y'Umuryango w'Abibumbye mu mwanzuro wayo 45/116. Uko biri kose, ingingo z'iri tegeko ni zo shingiro ryemewe muri gahunda yo kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha.

the provisions of this Law shall form a legal basis for the procedures of extradition.

présente loi, formeront la base juridique pour les procédures d'extradition.

Ingingo ya 63: Icyaha cyemeranywaho n'ibihugu byombi

Hakurikijwe ibyo iri tegeko riteganya, kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha bikorwa gusa igihe icyaha cyatumye haba iryo hererekanya cyangwa ikindi cyaha bisa na cyo giteganywa mu mategeko ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 63: Dual incrimination

Under the terms of this Law, the extradition shall be carried out only when the offence giving rise to extradition or a similar offence is envisaged both in the legislation of the requesting State and Republic of Rwanda.

Article 63: Double incrimination

Conformément aux dispositions de la présente loi, l'extradition des suspects n'a lieu que lorsque l'infraction entraînant l'extradition ou une infraction similaire est reconnue par la législation de la République du Rwanda.

Ingingo ya 64: Impamvu zitegetswe zo kwanga kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha

Gusaba kohereza ukurikiranyweho icyaha mu kindi gihugu ntibyemerwa iyo:

1° hari impamvu zikomeye zituma hakekwa ko azakurikiranwa cyangwa agahanwa kubera ubwoko bwe, idini rye, ubwenegihugu bwe, inkomoko ye, ibitekerezo bya politiki bye, igitsina cye cyangwa imimerere ye, cyangwa se ko ashobora kugirirwa nabi kubera imwe muri izo mpamvu;

2° hari urubanza rwabaye ntakuka muri Repubulika y'u Rwanda ku byerekeranye ukurikiranyweho icyaha;

3° umuntu ikindi gihugu gisaba atagishobora

Article 64: Compulsory grounds for refusing extradition

Request for extradition of the accused shall not be granted if:

1° there are serious reasons to believe that the request for extradition was presented with a view to suing or punishing a person due to his/her race, religion, nationality, ethnic origins, political opinions, sex ou status, or that this situation of such a person may be endangered for one of these reasons;

2° a final judgement was pronounced in the Republic of Rwanda for the offence in respect of which the extradition is being sought;

3° the person whose extradition is being sought

Article 64: Motifs obligatoires de rejet d'extradition

La demande d'extradition d'un prévenu ne peut pas être acceptée si :

1° il existe de sérieux motifs de croire extradition a été demandée en vue de poursuivre ou de punir une personne en raison de sa race, de sa religion, de sa nationalité, de son origine éthnique, de ses opinions politiques, de son sexe ou de son statut, ou qu'il pourrait en résulter une atteinte à cette personne pour l'un de ces motifs;

2° un jugement coulé en force de chose jugée a été prononcé en République du Rwanda à raison de l'infraction pour laquelle l'extradition est demandée ;

3° la personne dont l'extradition est demandée ne

gukurikiranwa cyangwa guhanwa kubera amategeko ya kimwe mu bihugu usabwa kugarurwa mu gihugu yakoreyemo icyaha ahereyemo atemera kumukurikirana cyangwa kumuhana kubera ubuzime bw'ikurikiranacyaha, imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa izindi mpamvu;

can no longer, due to the legislation of one or the other of these countries in which the person to be extradited committed an offence is located, be sued or punished due to the elapsed time or an amnesty or any other reason;

peut plus, en vertu de la législation de l'un ou l'autre des pays dans lequel la personne concernée se trouve, être poursuivi ou puni, en raison du temps qui s'est écoulé ou d'une amnistie ou de toute autre raison ;

4° usabirwa gusubizwa mu kindi gihugu yakorerwa iyica rubozo cyangwa agakorerwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa bimutesha agaciro;

4° the person whose extradition is being sought has been or would be subjected to torture and other cruel, inhuman and degrading treatments;

4° la personne dont l'extradition est demandée a été ou serait soumis dans l'Etat requérant à des tortures et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants ;

5° usabirwa koherezwa atahawe cyangwa adashobora guhabwa uburenganzira bw'ibanze bw'agateganyo n'imiburashirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko biteganywa mu ngingo ya 14 y'amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'amategeko mbonezamubano na politiki.

5° the person whose extradition is being sought has not received or would not receive the minimum guarantees in criminal proceedings as contained in Article 14 of the International Convention on Civil and Political Rights;

5° la personne dont l'extradition est demandée n'a pas bénéficié ou pourrait ne pas bénéficier de garanties minimales prévues lors des procédures pénales, par l'article 14 du Pacte international relatif aux droits civils et politiques.

Ntabwo Igihugu gishobora kwanga kohereza umuntu ukurikiranyweho icyaha mu kindi gihugu kubera impamvu zirebana n'ibibazo by'imisoro.

The extradition may not be refused for the simple reason that the offence is considered as relating to fiscal issues.

L'extradition ne peut être refusée au seul motif que l'infraction est considérée comme portant sur des questions fiscales.

Uko byagenda kose, nta na rimwe ihererekanya ry'umunyarwanda rishobora kwemerwa.

In any case, extradition of a Rwandan citizen shall not be granted.

En tout état de cause, l'extradition d'un citoyen rwandais ne peut être accordée.

<u>Ingingo ya 65</u>: Impamvu zidategetswe zo kwanga ihererekanya

<u>Article 65</u>: Optional grounds for refusing extradition

<u>Article 65</u> : Motifs facultatifs de refus d'extradition

Iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha rishobora kwangwa iyo:

Extradition may be refused if :

L'extradition pourra être refusée si:

1° abayobozi ba Repubulika y'u Rwanda bemeje kudakurikirana umuntu uregwa icyaha runaka

1° the authorities of the Republic of Rwanda have decided not to proceed with charges against the

1° les autorités de la République du Rwanda décident de ne pas poursuivre l'infraction en

gisabirwa ihererekanya cyangwa kureka gukurikirana uwo muntu;

person concerned for the particular offence for which the extradition is requested or to put an end to the proceedings instituted against the aforementioned person;

raison de laquelle l'extradition est demandée ou décidée de ne pas poursuivre le suspect;

2° ikurikiranacyaha rirebana n'icyaha cyatumye hasabwa ihererekanya rigikomeza muri Repubulika y'u Rwanda;

2° proceedings for the offence related to the requested extradition are pending in the Republic of Rwanda;

2° des poursuites en raison de l'infraction en raison de laquelle l'extradition est demandée sont en cours en République du Rwanda;

3° icyaha gisabirwa iyoherezwa ryakorewe hanze y'ubutaka bw'ibihugu byombi kandi, hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda, inkiko z'u Rwanda zidafitiye ubushobozi ku byerekeranye n'ibyaha byakorewe hanze y'ubutaka bw'u Rwanda, harebwe impamvu;

3° the offence for which the extradition is requested has been committed outside the territory of either country and for which, according to the legislation of the Republic of Rwanda, the Rwandan jurisdictions are not competent with regard to the offences committed outside its territory in comparable circumstances;

3° l'infraction en raison de laquelle elle est demandée a été commise hors du territoire des deux Etats et si la législation de la république du Rwanda n'autorise pas la poursuite d'infractions de même nature lorsqu'elles sont commises hors de son territoire ;

4° uwasabiwe koherezwa yaburanishijwe, yagize ikibazo gituma ataburana cyangwa yarahamijwe icyaha n'urukiko rwihariye rwa Leta ibisaba;

4° the person whose extradition is requested has been judged, had an incident that led him/her not be tried or risked to be judged or convicted in the requesting State by a special jurisdiction;

4° la personne réclamée a fait l'objet de jugement, a eu un problème l'empêchant d'être jugée ou a été déclarée coupable par un tribunal spécial de l'Etat requérant;

5° Repubulika y'u Rwanda, igihe yiga imiterere y'icyaha n'inyungu z'igihugu gisaba ihererekanya, ibona ko, bitewe n'impamvu z'ikibazo, iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha ryaba ritajyanye n'iyubahiriza ry'ikiremwamuntu, bitewe n'imyaka ye, ubuzima bwe cyangwa izindi mpamvu bwite z'uwo muntu;

5° the Republic of Rwanda, while taking into account the nature of the offence and the interests of the State requesting for extradition, considers that, given the circumstances of the matter, the extradition of the concerned person would be incompatible with the respect of human rights, taking into account the age, the state of health or other personal circumstances of the aforesaid person;

5° lors de l'examen de la nature de l'infraction et des intérêts du pays requérant, la République du Rwanda constate que compte tenu de la situation l'extradition porterait atteinte aux droits de la personne humaine pour des raisons de son âge, de sa santé ou d'autres raisons personnelles de la personne réclamée;

6° icyaha gisabirwa iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha gifatwa n'amategeko ya Repubulika y'u Rwanda nk'aho cyakorewe ku gace cyangwa ku

6° the offence for which the extradition is requested is considered by the legislation of the Republic of Rwanda as committed in all or partly on its

6° la législation rwandaise considère l'infraction en raison de laquelle l'extradition est demandée comme une infraction commise sur une partie ou

butaka bwayo bwose;

7° hasabwe iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha kugira ngo hashyirwe mu bikorwa icyemezo cya nyuma urukiko rwafatiye umuntu adahari, atarashoboye kwiregura kubera impamvu zitamuturutseho.

Ingingo ya 66: Gukurikirana umuntu wangiwe iherereka nya

Mu gihe Repubulika y'u Rwanda yanze kohereza ukurikiranyweho icyaha ku mpamvu ziteganywa n'ingingo ya 64 agace ka 3° n'aka 4° n'iya 65 z'iri tegeko, ishyikiriza ikirego Urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo
uwo muntu akurikiranwe.

Ingingo ya 67: Isubiza ry'umutungo

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko n'uburenganzira bw'abandi, umutungo wose ugaragara ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda ukomotse ku cyaha cyakozwe cyangwa wakwaho ibimenyetso, usubizwa Leta iwusaba iyo iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha ryemewe.

Bisabwe na Leta isaba, uwo mutungo ushobora gusubizwa iyo Leta n'ubwo iherereka nya ry'ukurikiranyweho icyaha ridashobora gushyirwa mu bikorwa.

Igihe cyose uwo mutungo ushobora gufatirirwa cyangwa kunyagirwa ku butaka bwa Repubulika y'u

entire territory;

7° the extradition is requested in execution of a final judgment issued in the absence of the person concerned, who has not been able to ensure his/her defense for reasons beyond his/her will.

Article 66: Aut dedere aut judicare

When the Republic of Rwanda refuses the extradition for a reason mentioned in Article 64, sub paragraphs 3° and 4° of Paragraph One and Article 38 of this Law, it shall refer the matter to the competent Court so that the person concerned shall be prosecuted.

Article 67: Restitution of property

Without prejudice to provisions of the law and rights of third parties, all assets found on the territory of the Republic of Rwanda acquired as a result of the offence committed or that may be required as elements of evidence shall be returned to the requesting State, upon request of the requesting State and if the extradition is granted.

Upon request of the requesting State, the assets set forth in paragraph One this Article may be returned to this State even if the granted extradition cannot be carried out.

Whenever the aforementioned assets shall be susceptible of seizure or dispossession on the

l'ensemble de son territoire;

7° en cas de demande d'extradition, la condamnation définitive de la personne jugée par défaut ou par contumace, la personne recherchée n'a pas pu se défendre pour des raisons indépendantes de sa volonté.

Article 66: Aut dedere aut judicare

Lorsque la République du Rwanda refuse l'extradition de la personne réclamée pour des motifs prévus par l'article 64 en ses points 3° et 4° de son alinéa 1 et par l'article 65 de la présente loi, elle introduit l'action devant la juridiction compétente pour que ladite personne soit poursuivie.

Article 67 : Restitution du patrimoine

Sans préjudice des dispositions légales et des droits des tiers, tout le patrimoine issu de la commission de l'infraction ou dont on exige des preuves trouvé sur le territoire de la République du Rwanda est restitué à l'Etat requérant si l'extradition est accordée.

A la demande de l'Etat requérant, ce patrimoine peut être restitué même dans les cas où l'extradition n'est pas accordée.

Chaque fois que ce patrimoine peut être confisqué ou dépossédé sur le territoire de la République du

Rwanda, Leta ishobora kuwugumana by'agateganyo cyangwa ikawusubiza.

Bisabwe na Repubulika y'u Rwanda, igihe cyose amategeko abiteganya kandi hubahirijwe uburenganzira bw'abandi bantu, umutungo wasubijwe ugarurwa mu Rwanda ku buntu, iyo ikurikiranacyaha ryarangiye.

territory of the Republic of Rwanda, the State shall be able to maintain temporarily or return them.

Upon request by the Republic of Rwanda and at any time the legislation of the Republic of Rwanda so provides, and in respect of the rights of third parties, the returned assets shall be brought back to the Republic of Rwanda free of charge, if prosecution is finalised.

Rwanda, l'Etat peut le conserver provisoirement ou le restituer.

A la demande de la République du Rwanda et dans le respect des lois et des droits des tiers, le patrimoine restitué est retourné sans frais au Rwanda en cas de clôture définitive de la poursuite.

UMUTWE WA V: INGINGO RUSANGE ZEREKERANYE NO GUSABA UBUFATANYE N'IHERERekanya RY'ABANYABYAHA

CHAPTER V: GENERAL PROVISIONS RELATING TO REQUEST FOR COOPERATION AND EXTRADITION

CHAPITRE V: DISPOSITIONS GENERALES RELATIVES A LA DEMANDE DE COOPERATION ET A LA PROCEDURE D'EXTRADITION

Ingingo ya 68: Kohereza isaba

Isaba rikozwe n'ubuyobozi bwo mu kindi gihugu bubifitiye ububasha ku mpamvu zo kugaragaza ikorwa ry'icyaha cy'iterabwoba, ku mpamvu zo gushyiraho ibyemezo bishingana by'agateganyo cyangwa ubunyage cyangwa ku mpamvu zo kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha rinyuzwa mu nzego z'ubutwererane. Mu gihe byihutirwa, isaba rishobora kunyuzwa muri INTERPOL cyangwa mu buryo butaziguye, ubuyobozi bwo mu bindi bihugu bukaryohererezа abacamanza ba Repubulika y'u Rwanda binyujijwe mu butumwa bwanditse cyangwa indi nzira iyo ari yo yose yihuta, hagasigara kopi cyangwa ikindi kintu gihwanyije agaciro na kopi. Iyo isaba ridakurikije ibyemejwe n'inzego z'ubutwererane, ntirihabwa agaciro.

Inyandiko zisaba n'imigereka yazo biherekezwa n'inyandiko zihinduwe muri rumwe mu ndimi

Article 68: Transmission of request

Requests addressed by foreign competent authorities for purposes of establishing the perpetration of an offence of terrorism, pronouncing provisional protective measures or a dispossession or for purposes of extradition shall be transmitted through diplomatic channels. In urgent cases, they may be communicated through INTERPOL or directly by the foreign authorities to the judicial authorities of the Republic of Rwanda, either by mail, or by any other faster means of transmission, leaving a hard copy or equivalent material. The request shall only be considered if cooperation requirements are fully met

The requests and their annexes shall be accompanied by a translation in one of the official languages of the Republic of Rwanda.

Article 68: Transmission de la demande

Les demandes formulées par des autorités compétentes étrangères aux fins d'établir des faits constitutifs de terrorisme, en vue de prononcer des mesures conservatoires ou une confiscation ou aux fins d'extradition sont transmises par la voie diplomatique. En cas d'urgence, elles peuvent faire l'objet d'une communication par INTERPOL ou de communications directes par les autorités étrangères aux autorités judiciaires de la République du Rwanda, soit par la poste, soit par tout autre moyen de transmission plus rapide, laissant une trace écrite ou matériellement équivalente. La demande n'est considérée que si elle répond aux exigences en matière de coopération.

Les demandes et leurs annexes doivent être accompagnées d'une traduction dans une des langues officielles de la République du Rwanda.

zikoreshwa mu butegetsi muri repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 69: Ibikubiye mu nyandiko zisaba

Isaba rigomba kugaragaza neza:

1° ubuyobozi busaba;

2° ubuyobozi busabwa;

3° igisabwa n'ibindi byose byashingirwaho mu kugaragaza urwego kirimo;

4° ibimenyetso bisobanura igisabwa;

5° ibintu byose bizwi byafasha kumenya umwirondoro w'abantu bireba by'umwihariko, irangamimerere, ubwenegihugu, aho babarizwa n'icyo bakora;

6° amakuru yose y'ingenzi yafasha kumenya no kuranga aho umuntu aba, ibikoresho, imitungo irebwa;

7° inyandiko y'amategeko agaragaza icyaha, cyangwa iyo bikenewe, inyandiko ikubiyemo amategeko yerekeranye n'icyo cyaha, no kwerekana ibihano byahanishijwe icyo cyaha;

8° inyandiko isobanura ubufatanye busabwa n'ibisobanuro birambuye by'uburyo igihugu gisaba cyifuza ko bukoreshwa.

Article 69: Contents of extradition request forms

The requests shall specify:

1° the authority requesting for the measure;

2° the required authority;

3° the subject of the request and any relevant remark on its context;

4° the facts justifying the request;

5° all known elements likely to facilitate the identification of the persons concerned and in particular the civil status, the nationality, the address and the profession;

6° all necessary information to identify and locate the person, instruments, resources or property concerned;

7° the text of the legal provision instituting the offence or, if needed, a report of the law applicable to the offence, and the indication of the sentence incurred for the offence;

8° a description of the required assistance and the detail of any particular procedure that the requesting State wishes to see applied.

Article 69: Contenu des demandes d'extradition

Les demandes doivent préciser:

1° l'autorité qui sollicite la mesure;

2° l'autorité requise;

3° l'objet de la demande et toute remarque pertinente sur son contexte;

4° les faits justifiant la demande;

5° tous éléments connus susceptibles de faciliter l'identification des personnes concernées et notamment l'état civil, la nationalité, l'adresse et la profession;

6° tous renseignements nécessaires pour identifier et localiser la personne, les objets, les ressources ou les biens visés;

7° les références légales de l'infraction ou, le cas échéant, un exposé du droit applicable à l'infraction, et l'indication de la peine encourue pour l'infraction;

8° une description de l'assistance requise et les détails de la procédure particulière que l'Etat requérant souhaite voir appliquée.

Byongeye kandi isaba riba rikubiyemo ibi bikurikira mu bihe byihariye :

1° iyo hasabwa ibyemezo bishingana by'agateganyo, ibisobanuro kuri ibyo byemezo;

2° iyo hasabwa gufatwa icyemezo cy'ubunyage, raporo y'ibimenyetso bya ngombwa n'ibitekerezo bituma abacamanza bafata icyo cyemezo hakurikijwe ingingo z'amategeko y'igihugu;

3° iyo hasabwa iyubahirizwa ry'icyemezo gishingana by'agateganyo cyangwa cy'ubunyage, inyandiko igaragaza ibi bikurikira:

a. kopi iriho umukono wa noteri ijyanye n'icyo cyemezo hamwe n'impamvu, iyo kopi itazivuze;

b. icyemezo cyashingiweho bubahiriza uwo mwanzuro kandi kidashobora guhindurwa mu buryo busanzwe;

c. aho ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo ritarenga byaba ngombwa umubare w'amafaranga asabwa kuri uwo mutungo;

d. iyo byakorwa kandi bishoboka, ibisobanuro byose bijyanye n'amategeko undi muntu ashobora gusaba ku bikoresho, ku mitungo

The request shall also contain the following elements in some particular cases:

1° in the case of a request for a protective measure, a description of the protective order requested;

2° in case of a request for a decision for confiscation, a report of the relevant facts and arguments allowing the judicial authorities to pronounce the confiscation, according to the provisions of national law.

3° In case of a request for enforcement of a decision of a provisional protective measure or of confiscation, the requests shall be further accompanied by:

a. a certified true copy of the decision setting out such grounds and, if it does not state them, an explanatory note of such a decision;

b. a certificate according to which the decision is enforceable and not subject to ordinary means of redress;

c. the indication of the limits within which the decision shall be carried out and, where appropriate, the amount of money to reclaim for the asset(s);

d. if applicable and if possible, all indications related to the rights that third parties can demand on the instruments, resources, property or other.

En outre, les demandes doivent contenir les éléments suivants dans certains cas particuliers :

1° un descriptif de mesures conservatoires en cas de demande de telles mesures ;

2° un exposé des faits et arguments pertinents devant permettre, en vertu du droit interne, aux autorités judiciaires de prononcer la confiscation, en cas de demande d'une décision de confiscation.

3° La demande d'exécution d'une décision de mesures conservatoires ou de confiscation contient en outre :

a. une copie certifiée conforme à la décision énonçant ses motifs et, si elle ne les énonce pas, elle énonce l'exposé de ses motifs;

b. une attestation selon laquelle la décision est exécutoire et n'est pas susceptible de recours ordinaires;

c. l'indication des limites dans lesquelles la décision doit être exécutée et, le cas échéant, du montant de la somme à récupérer sur le ou les biens;

d. s'il y a lieu et si possible, toutes les indications relatives aux droits que des tiers peuvent revendiquer sur les instruments, ressources, biens ou autres

cyangwa ibindi.

4° Iyo hasabwa iyoherezwa ry'umuntu warahamwe n'icyaha, isaba riherekezwa n'umwanzuro w'urubanza cyangwa kopi yawo iriho umukono wa noteri uhamya ko uwo muntu yahamijwe icyaha kandi ikerekana igihano yahawe, kuba umwanzuro w'urubanza ugomba kurangizwa cyangwa se ibihano bitarangijwe.

Ingingo ya 70: Isesengura ry'isaba

Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo, imaze gusuzuma ko isaba ryemewe, iryoherereza Ubushinjacyaha Bukuru bw'aho iperereza rizakorerwa cyangwa bw'aho usabirwa koherezwa atuye.

Ubushinjacyaha Bukuru bwiyambaza abakozi ba Leta babifitiye ububasha ngo bakore iperereza kuri iryo saba, bukiyambaza n'urukiko rubifitiye ububasha ku byerekeye isaba rijyanye n'ibyemezo bishingana by'agateganyo, inyaga n'iyoherezwa ry'abakurikiranyweho icyaha.

Umucamanza cyangwa umukozi wa Leta woherejwe n'ubuyobozi bwo mu kindi gihugu bubishinzwe, ashobora gukurikirana iyubahirizwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo hakurikijwe ko bikorwa n'Umucamanza, Umushinjacyaha cyangwa umukozi wa Leta ubifitiye ububasha.

choses visés.

4° In the case of a request for extradition of a person declared guilty of an offence, the request shall be accompanied with the judgment or a certified copy conform to the judgment proving that the concerned person has been recognized guilt and indicative of the sentence pronounced, the fact that the judgment is enforceable or the extent to which the sentence has not been carried out.

Article 70: Analysis of the extradition request

The Ministry in charge of justice, after having verified the legitimacy of the request, shall submit it to the National Public Prosecution Authority of the location where the investigations shall be carried out or where the person whose extradition is requested is located.

The National Public Prosecution Authority shall refer to the competent civil servants for the requests for investigation and the competent Court with regard to the requests related to protective orders, confiscations and extradition.

A judge or a civil servant delegated by the competent requesting State can attend the enforcement of the protective measures depending on whether they are executed by a judge, a prosecutor or an authorized civil servant.

En cas de demande d'extradition d'une personne reconnue coupable d'une infraction, les demandes sont accompagnées du jugement ou de la copie certifiée conforme du jugement établissant la culpabilité de l'intéressé et indiquant la peine prononcée, le fait que le jugement est exécutoire et la mesure dans laquelle la peine n'a pas été exécutée.

Article 70 : Traitement des demandes.

Le Ministère ayant la justice dans ses attributions, après vérification de la régularité de la demande, transmet ladite demande à l'Organe National de Poursuite judiciaire du lieu où les investigations doivent être menées ou du lieu où se trouve la personne dont l'extradition est demandée.

L'Organe National de Poursuite Judiciaires saisit les fonctionnaires compétents des demandes d'investigation et la juridiction compétente en ce qui concerne les demandes relatives aux mesures conservatoires, aux confiscations et à l'extradition.

Un magistrat ou un fonctionnaire délégué par l'autorité compétente de l'Etat requérant peut assister à l'exécution des mesures selon qu'elles sont effectuées par un magistrat, un procureur ou par un fonctionnaire habilité.

Ingingo ya 71: Amakuru y'inyongera

Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo cyangwa Ubushinjacyaha Bukuru bwashyikirijwe ikibazo, igihe bagikurikirana, babyibwirije cyangwa babisabwe n'urukiko rubifitiye ububasha, bashobora gusaba, binyuze mu nzego z'ubutwererane cyangwa ku buryo butaziguye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwo mu kindi gihugu gutanga amakuru y'inyongera ya ngombwa ngo isaba rikorwe neza cyangwa iyubahirizwa ryayo ryoroshywe.

Article 71: Additional information

The Minister in charge of justice or the National Public Prosecution Authority to which the matter has been addressed, dealing with the case, either on own initiative or upon request of the competent Court, may solicit, through diplomatic channels or directly, the foreign competent authority for purposes to providing all additional information necessary to carry out the request or facilitate its enforcement.

Article 71 : Compléments d'informations

Le Ministère ayant la justice dans ses attributions ou l'Organe National de Poursuite Judiciaire saisi, soit de son initiative, soit à la demande de la juridiction compétente, peut solliciter, par la voie diplomatique ou directement, l'autorité compétente étrangère aux fins de fournir toutes les informations complémentaires nécessaires pour exécuter la demande ou pour en faciliter l'exécution.

Ingingo ya 72: Gusaba ko haba ibanga

Igihe hari igihugu cyifuje ko isaba ryacyo rigirwa ibanga, biremerwa. Iyo bidashoboka, Igihugu cyabisabye kibimenyeshwa mu buryo bwihutirwa.

Article 72: Request for confidentiality

When the requesting State asks that the existence and the contents of its request be kept confidential, this must be done. If it is impossible, the requesting authority shall be informed without delay.

Article 72: Demande de confidentialité

Lorsque l'Etat requérant demande que l'existence et la teneur de sa requête soient tenues confidentielles, il y est fait droit. En cas d'impossibilité, l'Etat requérant en est informé sans délai.

Ingingo ya 73: Kudakoresha ibimenyetso mu zindi gahunda

Gukoresha ibimenyetso byatanzwe mu ipererezacyangwa mu miburanishirize itandukanye n'iyateganijwe mu isaba ryaturutse mu kindi gihugu birabujijwe, kubikora byatuma iryo perereza n'iyo miburanishirize biba imfabusa, keretse byemejwe na Leta y'Igihugu cyatanze ibyo bimenyetso.

Article 73: Prohibition of using pieces of evidences for other purposes

For investigations or procedures other than those provided for by the foreign State request, the use of the elements of evidence is prohibited and may lead to nullity of the said investigations and procedures, unless there is a prior consent of the foreign Government.

Article 73: Interdiction d'utilisation des éléments de preuve à d'autres fins

L'utilisation dans des enquêtes ou des procédures autres que celles prévues dans la demande d'un Etat étranger des éléments de preuve que celle-ci contient est interdite sous peine de nullité desdites enquêtes et procédures, sauf consentement préalable de l'Etat étranger.

Ingingo ya 74: Kwishyura imirimo yakozwe

Amafaranga ajyanye n'ishyira mu bikorwa ry'isaba rivugwa muri uyu Mutwe, yishyurwa na Leta yabisabye, kereka byumvikanyweho ukundi.

Article 74: Payment for activities performed

Costs computed for the execution of the requests under this Chapter are borne by the requesting State unless it is agreed otherwise.

Article 74: Remboursement des frais des services rendus

Les frais exposés pour exécuter les demandes prévues au présent chapitre sont à la charge de l'Etat requérant à moins qu'il en soit convenu autrement.

UMUTWE WA VI : IBIHANO

Ingingo ya 75: Uruhare mu bikorwa by'ishyirahamwe rikora iterabwoba

Umuntu wese yaba gatozi cyangwa icyitso ujya cyangwa ugira uruhare abizi mu bikorwa by'ishyirahamwe rikora iterabwoba cyangwa se rikora ikintu cyose cyongerera ubushobozi ishyirahamwe ryose rikora iterabwoba bigamije gufasha cyangwa gukora igikorwa cy'iterabwoba ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu n'itanu (35).

Ingingo ya 76: Ubufatanyacyaha mu gikorwa cy'iterabwoba

Umuntu wese ufasha abizi mu gikorwa cy'iterabwoba ahanishwa igihano iri tegeko rihanisha uwakoze icyo cyaha.

Ingingo ya 77: Iterabwoba riyobowe n'agatsiko k'iterabwoba

Umuntu wese ukora icyaha giteganyijwe n'iri tegeko ayobowe cyangwa afatanyije n'agatsiko k'iterabwoba cyangwa mu nyungu zako, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu n'itanu (35).

Iyo ari umuyobozi w'agatsiko cyangwa undi wese wagize uruhare runini ahanishwa igihano cyo gufungwa burundu**.**

CHAPTER VI: PENALTIES

Article 75: Participating in the acts of a terrorism association

Any person whether a principal author or an accomplice who joins or deliberately participates in the acts of a terrorism association or one which operates in building capacities of any association that conducts terrorist acts shall be liable to an imprisonment of twenty (20) to thirty five (35) years.

Article 76: Complicity in a terrorist act

Any person who deliberately assists in a terrorist act shall be punished by a sentence this Law imposes on a person who commits such an offence.

Article 77: Terrorism under the command of a terrorist group

Any person who commits an offence provided for by this Law by order or in collaboration with a terrorist association or in its interests shall ,be liable to an imprisonment between twenty (20) and thirty five (35) years.

Where the offence involves a leader of the group or any other person who played a significant role, it shall be punished by life imprisonment.

CHAPITRE VI : DES PEINES

Article 75: Participation dans des actes d'une association terroriste

Quiconque participe ou contribue comme auteur principal ou en qualité de complice dans des actes d'une association terroriste ou de toute autre visant le renforcement des capacités d'une association terroriste dans l'objectif d'aider ou de participer à la commission d'un acte de terrorisme est passible d'une peine d'emprisonnement de vingt (20) à trente-cinq (35) ans.

Article 76: Complicité dans un acte de terrorisme

Quiconque porte délibérément assistance à la commission d'un acte de terrorisme est passible d'une peine prévue par la présente loi pour l'auteur de l'infraction.

Article 77: Terrorisme sur les ordres d'un groupe terroriste

Quiconque commet une infraction prévue par la présente loi sur les ordres ou en collaboration avec un groupe terroriste ou dans son intérêt, est passible d'une peine d'emprisonnement de vingt (20) à trente-cinq (35) ans.

Lorsque commission de l'infraction implique un chef du groupe ou une autre personne ayant joué un grand rôle, l'infraction est punissable d'une peine d'emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 78: Gutanga amabwiriza mu gikorwa cy'icyaha cy'iterabwoba

Umuntu wese uha undi uwo ari we wese abizi, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, amabwiriza yo gukora ayobowe cyangwa afatanyije n'agatsiko k'iterabwoba, ku mpamvu zo kongerera ubushobozi agatsiko k'iterabwoba cyangwa mu nyungu zabo hagamijwe gufasha cyangwa gukora igikorwa cy'iterabwoba, ahanishwa igifungo cya burundu.

Article 78: Giving directives in an act of terrorism

Any person who knowingly gives orders to another, directly or indirectly, to commit a terrorist act under directives or in collaboration with a group of terrorists, for the reasons of supporting a group of terrorists in order to aid or commit an act of terrorism, shall be liable to a life imprisonment.

Article 78: Donner des instructions dans un acte terroriste

Quiconque donne volontairement, directement ou indirectement, à une autre personne des instructions de travailler sur les ordres ou en collaboration avec un groupe terroriste, pour des raisons de renforcer les capacités du groupe terroriste ou dans leurs intérêts dans l'objectif d'aider ou de participer à la commission d'un acte de terrorisme, est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 79: Guhisha uwakoze iterabwoba

Umuntu wese uhisha umuntu azi ko yakoze cyangwa yagombaga gukora igikorwa cy'iterabwoba, ahanishwa igifungo cya burundu.

Article 79: Harbouring a terrorist

Any person who harbours another person knowing that he/she has committed or attempted to commit a terrorist act shall be sentenced by a life imprisonment.

Article 79 : Recel du terroriste

Quiconque fournit un refuge à une personne sachant qu'elle a commis ou qu'elle devait commettre un acte de terrorisme, est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 80: Kuba mu ishyirahamwe ry'iterabwoba

Umuntu wese uri cyangwa wemera kuba mu ishyirahamwe rikora iterabwoba, ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza kuri makumyabiri (20).

Article 80: Membership in a terrorist organization

Any person who joins or admits to be member in a terrorist organization shall be liable to an imprisonment from fifteen (15) to twenty (20) years

Article 80 : Etre membre d'une organisation terroriste.

Quiconque est ou accepte d'être membre d'une organisation terroriste, est passible d'une peine d'emprisonnement de quinze (15) à vingt (20) ans.

Ingingo ya 81: Kuyobya indege

Azahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu umuntu wese uzaba yakoresheje ingufu agamije gukanga, gufata ubuyobozi bw'indege cyangwa akoresheje ubwo buyobozi bw'indege kugera kuri bimwe mu bikorwa bikurikira:

Article 81: Hijacking of an aircraft

Any person using of force, with an intention to intimidate, capture the crew of an aircraft or using the crew of the aircraft with the purpose of achieving one of the following acts shall be liable to a life imprisonment:

Article 81: Détournement d'un aéronef

Est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité quiconque use de la force dans l'intention d'intimider, de s'emparer de l'équipage d'un aéronef ou se sert de cette équipage dans le but de commettre l'un des actes suivants :

1° kwica cyangwa gukomeretsa uri mu ndege;

2° kujyana umuntu uwo ari we wese mu ndege atabishaka ahantu hose hatari aho indege iteganya kujya;

3° gufata umuntu uwariwe wese uri mu ndege ugamije indonke cyangwa kumukoresha umurimo adashaka ;

4° gutuma indege ihindura inzira yayo;

5° kwangiza indege;

6° guhungabanya umutekano w'abari mu ndege.

1° killing or injuring a person aboard the aircraft;

2° transporting any person aboard the aircraft without his/her consent to a place other than the scheduled destination of aircraft;

3° abducting a person in the aircraft for an illicit gain or forced labor;

4° changing the aircraft's direction;

5° demolishing the aircraft;

6° causing insecurity of all on board the aircraft.

1° tuer ou blesser une personne à bord;

2° amener une personne à bord d'un aéronef à emprunter contre son gré la direction d'un endroit quelconque autre que la destination initiale de l'avion;

3° se saisir d'une personne se trouvant à bord pour avoir une rançon ou obtenir de lui une prestation contre son gré ;

4° dévier un aéronef de son itinéraire;

5° endommager l'aéronef ;

6° porter atteinte à la sécurité de personnes se trouvant à bord.

Ingingo ya 82: Guhungabanya umutekano ku kibuga cy'indege

Azahanishwa igihano cya burundu, umuntu wese ukoresha imbaraga cyangwa ukangisha gukoresha imbaraga ku kibuga cy'indege iyo ibyo bikorwa by'iterabwoba bivuyemo:

1° kwica umuntu cyangwa kumukomeretsa ;

2° gusenya cyangwa kwangiza inyubako z'ikibuga cy'Indege mpuzamahanga ;

3° guhagarika imirimo imwe n'imwe ishobora kugira ingaruka mbi ku migendekere myiza y'ikibuga ;

Article 82: Destabilizing security at the airport

Any person using of force or threatens to use force at the airport in case such terrorist acts result into the following shall be liable to a life imprisonment:

1° death or injury to a person;

2° demolishing or destructing buildings of international airports;

3° stopping certain activities which may have negative consequences on the performance of the airport;

Article 82 : Atteinte à la sécurité à l'aéroport

Est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité quiconque use ou menace d'user de la force à l'aéroport lorsque ces actes de terrorisme provoquent:

1° la mort ou les blessures d'une personne ;

2° la destruction ou détérioration des installations d'un aéroport;

3° l'interruption de certaines des activités susceptibles d'entraver les opérations normales de l'aéroport;

4° guhungabanya umutekano w'ikibuga cy'indege n'inyubako.

Ingingo ya 83 : Gukoresha ibintu biturika mu ikoraniro binyuranyije n'amategeko

Azahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu umuntu wese utanga, utega, ujugunya cyangwa uturitsa intwaro ziturika cyangwa ikindi kintu gihumanya, mu buryo bunyuranyije n'amategeko kandi yabigambiriye, ahantu hakoreshwa na rubanda cyangwa akahabangamira, akangiza inyubako za Leta n'ibindi bikorwa remezo agamije:

1° kwica cyangwa gukomeretsa;

2° kwangiza, gusenya ahantu, inyubako bigatuma iryo senya ritera igihombo gikomeye mu bukungu, mu mutungo w'abaturage cyangwa uwa Leta.

Ingingo ya 84: Gufata bugwate

Umuntu wese ufata bugwate agamije gukoresha ingufu kuri Leta, ku muryango mpuzamahanga cyangwa ku mutegetsi cyangwa undi muntu abashyiraho iterabwoba ryo kwica, gukomeretsa cyangwa gukomeza gufatira iyo ngwate, mu gihe batamuhaye cyangwa badakoze icyo asaba, ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu n'itanu (35)

Iyo uwafashwe bugwate bimuviriyemo urupfu, uwamufashe bugwate ahanishwa igifungo cya

4° destabilisation of the security of the airport and its installations.

Article 83: Illegal use of explosives in gatherings

Any person who deliberately gives, ambushes, throws or blasts an explosive or any other noxious substance in a public place, in an illegal manner or who causes disorder in the same place and demolishes government buildings and other infrastructure with an intention to commit the following offences, shall be liable to a life imprisonment:

1° causing death or injury;

2° destroying, demolish a place or a building which may result into a significant economic, private or public property loss.

Article 84: Taking hostage

Any person who takes hostage with intention to use force against the State, international organization or a leader or any other person with a threat to kill, injure or proceed to take hostage in case of failure to give or fulfill the demand by the hijacker shall be liable to an imprisonment of twenty (20) to thirty-five (35) years.

If taking hostage results into death of the person hijacked, the hijacker shall be liable to a life

4° l'atteinte à la sécurité de l'aéroport et de ses installations.

Article 83 : Utilisation illégale des explosifs dans un lieu public

Est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité quiconque, de façon illicite et préméditée, donne, pose lance ou détonne les explosifs ou un autre engin toxique, dans un lieu public ou qui trouble l'ordre, endommage les édifices de l'Etat et les autres infrastructures dans l'intention de :

1° donner la mort ou blesser ;

2° endommager, détruire un endroit ou un édifice et ainsi occasionner des pertes graves en économie, en propriétés privées ou publiques.

Article 84: Prise d'otage

Quiconque prend un otage dans l'intention de contraindre l'Etat, une organisation internationale ou une autorité reconnue ou toute autre personne en menaçant de tuer, blesser ou de continuer à détenir l'otage s'ils ne donnent ou n'accomplissent pas ce qu'il demande, est passible d'une peine d'emprisonnement de vingt (20) à trente-cinq (35) ans.

Lorsque la prise d'otage cause la mort à la victime, l'auteur est passible d'une peine d'emprisonnement à

burundu.

Ingingo ya 85: Gukoresha iterabwoba ku badipolomate

Umuntu wese akoresheje iterabwoba, wica cyangwa agashimuta umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu**.**

Ingingo ya 86: Kugaba ibitero ku bantu barinzwe ku rwego mpuzamahanga

Umuntu wese ugabye igitero cyangwa akabangamira ubwisanzure bw'umudipolomate ahanishwa :

1° igihano cy'igifungo cya burundu iyo icyo gitero cyakuruye urupfu;

2° igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu n'itanu (35) iyo icyo gitero cyateje ibikomere bikabije ku mubiri.

Ingingo ya 87: Gusenya inyubako

Umuntu wese usenya cyangwa wonona yabigambiriye mu bundi buryo hadakoreshejwe imbunda cyangwa intwaro ziturika ahanishwa igifungo cya burundu iyo ari :

1° inyubako za Leta, iz'abikorera ku giti cyabo cyangwa uburyo bwo gutwara abantu bw'umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga;

imprisonment

Article 85: Terrorism against internationally protected person

Any person, involved in terrorism, who kills or kidnaps an internationally protected person shall be liable to life imprisonment.

Article 86 : Attacking diplomats

Any person who attacks or violates diplomats shall be liable to:

1° a life imprisonment if the attacks resulted into death;

2° an imprisonment from twenty (20) to thirty-five (35) years if the attacks caused serious injury.

Article 87: Demolishing buildings

Any person who willfully destroys or demolishes in any other way other than guns or bombs shall be liable to life imprisonment in cases of:

1° public and private buildings, transportation of internationally protected persons;

perpétuité.

Article 85: Terrorisme contre une personne jouissant d'une protection internationale

Quiconque, par terrorisme, tue ou enlève une personne jouissant d'une protection internationale est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité.

Article 86: Attaques contre les diplomates

Quiconque attaque ou porte atteinte aux diplomates est passible :

1° d'une peine d'emprisonnement à perpétuité lorsque l'attaque a causé la mort ;

2° d'un emprisonnement de vingt (20) à trente-cinq (35) ans lorsque l'attaque a causé les blessures corporelles graves.

Article 87: Destruction des édifices

Quiconque détruit ou endommage volontairement par des moyens autres que les fusils ou les engins explosifs commet une infraction de terrorisme et est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité lorsqu'il s'agit de :

1° un édifice public ou privé ou un moyen de transport des personnes jouissant d'une protection internationale ;

2° izindi nyubako zose zikoreshwa cyangwa zagombye kuba zikoreshwa n'umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga, cyangwa se umutungo we.

2° other buildings used or which should be used by an internationally protected person or his/her property.

2° tout autre édifice utilisé ou devant être utilisé par une personne jouissant d'une protection internationale ou son patrimoine.

Ingingo ya 88: Gukangisha iterabwoba

Umuntu wese ukangisha gukora ikintu gishobora kuvamo icyaha cy'iterabwoba ahanishwa igifungo hagati y'imyaka icumi (10) kugeza kuri makumyabiri (20).

Iyo iryo kangisha ryaviriyemo abantu gupfa, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu.

Article 88: Threatening to commit terrorism

Any person who threatens to commit any act which may result into a terrorist crime shall be liable to an imprisonment of ten (10) to twenty (20) years.

Where the threat caused death to people, the criminal shall be liable to life imprisonment.

Article 88: Menace de terrorisme

Quiconque menace de commettre un acte pouvant être qualifié d'infraction du terrorisme est passible d'une peine d'emprisonnement de dix (10) à vingt (20) ans.

Si une telle menace a causé la mort, il est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité

Ingingo y 89: Kwinjira mu nyubako za Leta, n'iz'abantu barinzwe ku rwego mpuzamahanga hagamijwe iterabwoba

Umuntu wese winjira, ugerageza kwinjira mu nzu cyangwa mu nyubako ikoreshwa cyangwa se ikorerwamo ibikorwa bya Leta cyangwa iby'abahagarariye ibihugu byabo, iby'abahagarariye Imiryango Mpuzamahanga, cyangwa ahatuwe n'umuntu urinzwe mu rwego mpuzamahanga, abishaka kandi anyuranyije n'amategeko, agamije gutera ubwoba, gukoresha ingufu, gukanga cyangwa gushyira ku nkeke ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu n'itanu (35).

Article 89: Entering State and Diplomats premises for the purpose of committing terrorism

Any person who enters or attempts to enter into a house or premises in which the Government carries out its activities, or diplomats or international organization or into an internationally protected person's premises in an illegal way, with an intention to threaten, use force, intimidate or harass persons shall be liable to an imprisonment of twenty (20) to thirty five (35) years.

Article 89: Entrée dans des maisons ou édifices de l'Etat et des diplomates en vue du terrorisme

Quiconque entre, tente d'entrer dans une maison ou un édifice utilisé ou dans lequel s'exercent les activités de l'Etat ou des représentations diplomatiques, des représentations des Organisations Internationales ou une habitation d'une personne jouissant d'une protection internationale, délibérément et de façon illicite, avec l'intention d'intimider, contraindre, menacer ou exercer une pression est passible d'une peine d'emprisonnement de vingt (20) à trente cinq (35) ans.

Ingingo ya 90: Gutunga intwaro zihumanya zikoreshwa

Umuntu wese utunga intwaro zihumanya, inyandiko z'uburyo izo ntwaro zikora cyangwa zikoreshwa,

Article 90: Possession of weapons and writings indicating how chemical weapons are used

Any person who possesses chemical weapons, documents on its functionality or use, materials

Article 90: Possession d'armes et d'écrits décrivant l'utilisation des armes chimiques

Quiconque possède les armes chimiques, les écrits sur leur fonctionnement et leur utilisation, les matières

igikoresho gifasha mu gukora izo ntwaro ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu n'itanu (35).

Umuntu wese ukora intwaro zihumanya cyangwa ugerageza kuzikora mu nganda agamije kubabaza bikomeye umubiri w'undi muntu, kwangiza umutungo cyangwa ibidukikije ahanishwa igihano cya burundu.

Ingingo ya 91 : Gukoresha ibihumanya

Umuntu wese, abigambiriye kandi agamije kwica, kubabaza umubiri w'undi muntu, kwangiza umutungo cyangwa ibidukikije aba akoze icyaha kandi ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu n'itanu (35) iyo :

1° ashyize ubumara cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose ahantu;

2° yohereje ubumara cyangwa ikintu cyose kiva ahantu kijya ahandi akoresheje iposita, cyangwa ubundi buryo bwose bushoboka;

3° yumvisha umuntu aho ari ho hose ku isi ko ikintu ari ubumara cyangwa ko gifite ubumara cyangwa ikintu cyose gihumanya cyangwa se intwaro ya kirimbuzi.

Ingingo ya 92: Gutanga amakuru atariyo ku iterabwoba

Umuntu wese utanga amakuru azi neza cyangwa

utilized to manufacture those weapons shall be liable to an imprisonment of twenty (20) to thirty five (35) years.

Any person who makes chemical weapons or tries to make them in industries, for the purpose of causing serious physical injuries to a person, demolishing property or geographical features shall be liable to a life imprisonment.

Article 91: Use of chemicals

Any person who deliberately intends to kill, causes bodily injury to another person, destroy property or environment commits a terrorist act and shall be liable to an imprisonment of twenty (20) to thirty five (35) years if :

1° he/she puts toxic substances or any toxic thing in a certain place;

2° he/she sends toxic substance or any toxic substances from one place to another by use of the postal or any other possible means;

3° he/she informs a person anywhere in the world that a substance is toxic or a thing is poisonous or a nuclear weapon.

Article 92: Providing false information regarding terrorism act

Any person who gives information knowing or

servant à leur fabrication est passible d'une peine d'emprisonnement de vingt (20) à trente cinq (35) ans.

Quiconque fabrique les armes chimiques, ou tente de les fabriquer en industrie, avec pour objectif de porter sérieusement atteinte au corps d'autrui, d'endommager son patrimoine ou l'environnement est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité.

